

INYIGISHO YA BURI MUNSI
IJAMBO RYAWA RYA BURI MUNSI

IGICE CYA

3

Nya – Kana - Nze

2025

Inkuru Nziza

BURI MUNSI

NTA KIGUZI

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

IYI NYIGISHO YAMAZE
KWISHYURWA
N'ABAFATANYABIKORWA
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU
BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera
zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

Uebert & BeBe
ANGEL

UEBERT NA BEBE ANGEL



NHamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo.

Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiye ku nyigisho zizana impanduka ndetse ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka buri mezi ane, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bese ku isi yose.



Kuwa Kabiri, Nyakanga 1

IMBARAGA ZIDASANZWE

LUKA 22:43

Marayika uvuye mu ijuru aramubonekera, amwongera imbaraga

Mu cyanditswe cy'uyu munsu gituruka mw'ijoro Umwami Yesu yagambaniwemo, muri iryo joro yasabye ko igikombe kimurenga maze asaba intumwa ze zahafi ,Petero ,Yakobo, Yohana gusengana na we mu maisaha ye yanyuma .

Ibaze igitutu yiyumvagamo uwo munsu, buri kanya yazaga kureba ba bagabo batatu yasabye kuza ngo bamufashe gusenga, akaza agasaga basinziriyeho! Tuvuga kubica ntege!

Ni bangahe bumva babuze ubufasha bari bakeneye ako kanya? Umwami wacu Yesu aho hantu yarahabaye mbere! Igihe nta muntu yabonye wo guhagararana nawe muri iyo saha, Imana yamuhaye ubufasha budasanzwe! icyanditswe kiravugako ngo yongerewe imbaraga na malayika. Yahawe ubushobozi bushya , byahindutse ikinyuranyo cy'ubufasha yari yaburiye mu bigishawo be batatu ba hafi.

Ushobora kuba wumva urambiwe kandi uciye integer, ariko hari imbaraga zikomeye abamalayika bagiye ku kuzanira none .itegere imbaraga zidasanzwe mu byo ukora byose uyu munsu. Ufite izi mbaraga, nta nakimwe cyahagarara mu nzira yawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nuzuye imbaraga ziva mw'ijuru, nta mupaka, ntago navunika, nta bigeragezo ntatsinda, nta musozo ntabasha kurira kandi nta siganwa nta kwiruka. Nta kintu nakimwe kizitambika mu nzira y'intsinzi yanjye mw'izina rya Yesu Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 79-82

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nyakanga 2

KWIRINDA

Abagatiya 5:22-23

Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda.....

Nk'Umwambasaderi w'Ijuru wuzuye umwuka w'Imana, ugomba kumenya ko I, buto z'umwuka zavuzwe mu cyanditswe cy'uyu munsu zigomba kugaragara mu buzima bwawe. Uyu munsu ndashaka ko twita cyane ku mbuto yitwa kwirinda. Ijambo "kwirinda" ni egkrateia, bisobanuye mu mbaraga, no mu kuyobora kandi bigaragaza umuntu utegeka byuzuye ubushake bwe, ibyifuzo n'amaranga mutima. Mu yandi magambo, n'umuntu uzi uko 'yifata imbere muri we.' niho haturuka ijambo kwitwarika cyangwa imyitwarire.

Nahuye n'abantu bagorwa no kwitarika mu bintu byinshi, nko mu butunzi bwabo. bamwe bakoresha amakarita yabo ya banki guhaha ibintu badafiteye ubushobozi. bagahatirizwa n'imibiri yabo ifite irari ryo kwangiza. Mpora mvuga ngo niba utabigira kabiri, ntuka bigire. Hari abakiristo bari mu buzima budahinduka uyu munsu kubera ko batitoza kwirinda. Umwuka wera arahari kugira ngo agufashe kwera iyi mbuto mu buryo bukwiye. Mwemerere akuyobore uko wiga kuzana imyitwarire ndetse no kwitwarika muri buri gice cy'ubuzima bwawe uyu munsu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imyitwarire no kwitwarika n'igice cy'uturema ngingo twanjye nk'uwabyawe n'umwuka w'Imana. Sinzava mu muyoboro mubuzima bwanjye uko kwirinda gukura muri njye buri munsu, mw'izina rya Yesu! Amen

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 25:28

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 83-86

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa kane, Nyakanga 3

NITEGUYE IMPERUKA

1 Abatesalonike 4:15

Iki ni cyo tubabwira tukibwirijwe n'ijambo ry'Umwami wacu yuko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza k'Umwami, tutazabanziriza na hato abasinziriyeye

Reka dusuzume ijambo “abazaba bakiriho”. Mw'ijambo ry'iritirano ryo mu kigereki ni zao bisobanuye kuba ufite imbaraga, ufite ubushobozi, ufite ubuzima bw'uzuye. Nibindi... Rero, ntago ari ukuvuga ngo uri muzima, nkaho utapfuye. Nukuba uri muzima muburyo bwimbitse. Biduha amakuru y'uburyo abakiristo bakwiye kuba biteguye imperuka.

Urabonako, ugomba kuba muzima mu rugendo rwawe n'Umwami, ucyeye kandi ukomeye, wuzuye ubuzima kandi ugaterwa ishema na byo abakiristo bakomeye mu bwami niba bazagenda imperuka niba atari abigira imitako mw'itorero. Rero ugomba kwibaza iki kibazo “nigute ubukiristo bwanjye buzana impinduka?” kujya ku rusengero biroroshye buri wese yabikora. Ariko gufata ibyo wigishijwe ukabijyana mu mihanda no mu nzira, ukabiha abo uhura na bo, ugenda imbaraga n'ubushobozi, ukabikorana imbaraga n'umwete udafite kwishyira imbere nibyo bikugira utandukanye, witeguye imperuka

Mbese witeguye ute?

IJAMBO RYA GIHANUZI

Guhera uyu munsu nzagenda yanjye yo kwizera mfite imbaraga, nezerewe kandi bizane umusaruro. Kirisito uri muri njye azagaragara abantu nibambona, bamubone! Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:11-13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 87:1-89:37

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nyakanga 4

NAKUWE MW'ISONI

Abaheburayo 12:2

dutumbira Yesu wenyine, ari we Banze ryo kwizera kandi ari we ugusohozwa rwose, yihanganiye umusaraba ku bw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo, yicara iburyo bw'intebe y'Imana.

Reka turebe igice b cy'ijambo ry'uyu muni, uburyo Umwami Yesu yihanganiye umusaraba ndetse “ ntiyite kw'isoni zazanye nawo” Ijambo “isoni ”mu kigereki ni aischune bisobanura ikimwaro, kutagira icyubahiro, ikintu giteye iseseme kandi gikojeje isoni. Akoresheje iri jambo. Intumwa paul aduha icyitegererezo cy'ibyo umuncunguzi wacu yanyuzemo uriya muni. Ibaze gukubitwa bikomeye, ukamanikwa ku musaraba, ukambikwa ubusa mu maso y'abantu bose bakureba. Ibyo byatuma wumva umerewe ute? Nubwo ibishushanyo bimugaragaza yambaye umwambaro murukenyerero siko byari bimeze. Amateka agaragaza ko abaromani batakundaga kwambika imyanya y'ibanga y'abagabo.

Umwami wacu yaciye mu gushinyagurirwa gukomeye uriya muni. Ntago yikoreye indwara zacu gusa, ahubwo yatwaye n'isoni nazo, kugira ngo we gukorwa n'isoni. N'izihe soni ufite uyu muni? Umwami Yesu ntiyitaye kw'isoni Yazinyuzemo kugira ngo ntuzakorwe n'isoni

Reka zigende!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinza totetezwa nahashize hanjye kuko ni habi cyane. Umwami wanjye Yesu yambatuye mw'isoni kugira ngo mbeho ubuzima butarimo kubohwa. Urakoze, Mwami wanjye, Ndabohotse!!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 10:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 89:38-91:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nyakanga 5

KUBERIKI AMASENGESHO YANJYE ATINDA GUSUBIZWA?

Abakolosayi 4:2

Mukomeze gusenga muba maso, mushima.

Imyaka myinshi ishize mw'itorero sina kubwira umubare w'abantu bambajije ikibazo cy'impamvu bakomeza gusenga batabona ibisubizo. Umusore umwe yageze aho ambaza niba hari ibanga ryo gusenga ugahita usubizwa bidatinze. Reka ngusobanurire icyanditswe cyo hejuru kugira ngo ubyumve neza.

Ijambo ry'ikigereki proskartereo, risobanura gusunika ikintu cyane, kudacika integer. Cyangwa gukomeza ujya imbere, gukomeza kandi wihangana. Akoresheje irijambo intumwa Pawulo itubwira guhanga amaso mw'isengesho, gusunika mu mwuka, kandi ntucike integer. Mubyukuri, akomeza avuga ko uko usunika ukwiye kongeraho gushima. Kubera iki? Yasobaukiwe ko iyo umaze kugira iyo mitekerereze ku masengesho, intsinzi yawe iraboneka ntakabuza!

Benedata kandi bashiki banjye, hazabaho igihe amasengesho amwe atinda gusubizwa. Cyane cyane niba ari amasengesho nita "adasanzwe," ugomba gukomeza gusunika kandi ukitegura ibisubizo nubwo uba umeze nk'aho nta mpinduka urimo ubona. Wicika integer kubyo umaze iminsi usengera. Sunika cyane kandi ushime Imana uko ukomeza gusenga— IMINYURURU IRIMO GUCIKA

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzacika intege zo gusenga. Guhera uyu muni, Ndasunika intego yanjye mu masengesho bidasanzwe. Intsinzi namaze kuyibona. Urakoze Mwami Mana yanjye Ikomeye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 5:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 91:14-94:16

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nyakanga 6

KWIZERA KWAVE NI KUZIMA?

Mark 9:23

Yesu aramubwira ati “Uvuze ngo ‘Niba mbishobora’? Byose bishobokera uwizeye

Mbere ya 1983, guhamagara kuri telephone idacometsweho imigozi byari inzozu, ibyo byahindutse ubwo Motorola yasohoye Dyna TAC 8000x, telephone ya mbere igendanwa. Noneho, abantu bahamagaraga bagenda bidasabye kwicara iruhande rwa telephone umunsi wose bategereje telephone y’ingenzi kubahamagara. Kuva ubwo abantu bibagiwe ko guhamagara bisaba telephone z’imigozi zonyine.

Rero, nawe ni ukoresha uru rugero mu buzima bwawe nk’umukirisito, ningombwa kuvuga ko ubuzima bwawe buri kuzitirwa n’ubushobozi bufite aho bugarukira ndetse n’imyumvire y’abandi, kandi ibyo nibyo ukwiriye kurwanya.

Hakana kubona ibintu nk’ibidatanga icyizere kubera ubukungu cyangwa raporo ya dogiteri. Nta buzinesi uta tangira, nta ndwara idakira, iyo kwizera kwawe ari kuzima

Ntukemere kumva ko hari ibidashoboka. Wa hindura ibintu byose ushyize kwizera kwawe mu bikorwa maze ukamenagura ibintu byose biri hejuru y’umutwe wawe. Ibuka, ushobozwa byose na Kirisito uguha imbaraga.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahindura kwizera kwanjye kuzima mu mbaraga byuzuye uherye none! Ntago nzazitirwa n’imyumvire y’abandi; Mfite gutekereza kwa Kirisito muri njye, kandi mbona ibisubizo, Ntsinda buri munsi mw’izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 14:12-14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsi: Zaburi 94:17-98:3

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa, Mbere, Nyakanga 7

GUSENGA IMANA

Ibyakozwe n'intumwa 13:1-2

Mu Itorero ryo muri Antiyokiya hariho abahanuzi n'abigisha, ari bo Barinaba na Simoni witwaga Nigeru, na Lukiyosi w'Umunyakurene na Manayeni wareranywe n'Umwami Herode, hariho na Sawuli. Ubwo basengaga Umwami Imana biyiriza ubusa, Umwuka Wera yarababwiye ati "Mundobanurire Barinaba na Sawuli, bankorere umurimo mbahamagariye gukora.

Wigeze mu byukuri wibaza icyo bivuze gusenga Imana? Umurongo wo haruguru uvuga ku Bahanuzi n'Abaigisha bakoze ibyo, ariko bisobanuye iki? Bioroheje ari n'ingombwa cyane mu mikurire yacu ya Gikirisitu. Reka nkwere.

Gusenga Imana birategurwa, ntago bikugwaho. Ugomba gutegura umwanya wo kubikora. Bwa mbere, muhange amaso kuri We mu kuramya: zimya televiziyo, zimya telefone, funga imiryango—wowe na we gusa. Mzae, uvuge amagambo yo ku muhimbaza biturutse mu mwuka wawe, amagambo yok u mushyira hejuru nk'Imana, amagambo yo kuramya no gushima. Mubwire ibigutera ku muramya. Mubwire uburyo ari mwiza, ari uw'igikundiye kandi agira Ubuntu; shyira ibirungo mu mashimwe Ye. Imana igusubiza iyo urimo usenga nka gutya. Ujye ugira ibi bihe bidasanze kenshi kandi witegure imbaraga zimenagura iminyururu mu buzima bwawe mu buryo budasanze.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Urakoze, Mwami, kumpa icyubahiro ngo ngusenge, Nzabikora byagutse uherye none. Umwuka wanjye uranezerwa lya nshyize hejuru izina ryawe ubu ndetse n'iteka ryose. Ndagukunda, mwami Mana wanjye Ikomeye!

IBINDI BYADITSWE

Abaheburayo 13:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 98:4-102:7

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nyakanga 8

MBEGA URUKUNDO

Yohana 15:13

Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze

Icyanditswe cy'uyu muni cyirerekana ikintu kidasanzwe ku Mwami wacu Yesu, Yatanze ubuzima bwe kubushake kubera twe. Nta muhanuzi, umungeri, cyangwa umutambyi wageze gukora nk'ibyo. Ntago ari We wa mbere wabambwe, ariko niwe wa mbere wapfiriye abandi.

Yatanze ubuzima bwe ku bushake ntagahato. Byari kumworohera kwikura mu biganza by'abamubambye. Yari afite imbaraga, Ariko yahisemo kujya ku musaraba maze Apfira abanyabyaha.

Ibyo Umwami Yesu yakozwe byose byari ukubera urukundo adufitiye nyewe nawe. Impamvu yavutse, akabaho. Agapfa maza akazuka kwari kugira ngo tugire kandi twishimire ubuzima byuzuye (Yohana 10:10) Ninde kuri iyi ufite uru rukundo? Igisubizo ni nta numwe. Uyu muni tekereza kuri uru rukundo Imana yeretse ikiremwa muntu. Uyishime kandi uyihimbaze kubwo gutangaubuzima bwe kubushacye kugira ngo wishimire ubwawe byuzuye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ubuzima bwuzuye. Bwuzuye umunezero, amahoro, kugubwa neza, urukundo ndetse niyindi migisha yose ikomeye izana n'agakiza kanjye. Nkuzwe n'Imana; umutima wanjye waravugiwe! Urakoze, Mwami! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 3:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 102:8-104:4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nyakanga 9

UMURIMO W'ITORERO

Abefeso 4:11-12

Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo

Ushobora kuba umunya politike, umuganga, cyangwa ukora siporo by'umwuga, ibyo ni byiza. Ariko, umuhamagaro wawe udasanze ndetse inshingano yawe ya mbere mu buzima ni ugukora umurimo w'itorero. Ibindi byose birakurikira. Umva uburyo Imana yatanze impano eshanu zo gukora mw'itorero, kugira ngo “abera batunganywe, ku bw'umurimo w'itorero.....” Ibyo bisobanuye ko umurimo wundi wose wahitamo; ugomba gutunganyirizwa umurimo w'itorero ujya mu materaniro kugira ngo wigishwe uko bikorwa. Nta murimo n'umwe ukora utuzuzanya n'umurimo w'ubwami bw'Imana.

Rero uyu muni, jya aho ukorera, kw'ishuri cyangwa univerisite, aho witoreza, ndetse nabo bese muhura maze usohore imigisha yo mw'ijuru ikurimo. Hamya mu bo muri kumwe maze ubereke urukundo rw'Imana. Uzatangazwa n'impinduka uzazana n'ubikora.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko njya aho nkorera uyu muni, Nderekana urukundo rw'Imana kuri bese mpura nabo. Umurimo w'itorero niwo murimo wanjye wa mbere, kandi ndawukorana umuriro mwinshi Mw'Izina rya Yesu! Amen

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 4:10-11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 104:5-105:24

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nyakanga 10

IMBARAGA ZIKIZA

Luka 5:17

Nuko ku munsu umwe muri iyo yarigishaga, Abafarisayo n'abigishamategeko bari bicaye aho bavuye mu birorero byose by'i Galilaya n'i Yudaya n'i Yerusalemu, kandi imbaraga z'Umwami Imana zari muri we zo kubakiza

Umurongo w'uuyu munsu urerekana umunsu umwe Yesu yigishaga ijamba, maze imbaraga z'Imana zikiza ziragaragara. Umwuka wera wuzuye icyamba n'imbaraga zikiza, nkuko yabikora mu murimo wa Yesu, azura abapfuye, ahumura impumyi, akiza aba bembe.

Rero n'uuyu munsu; uwo Mwuka wakizaga kuri Yesu urahari kandi uri muri wowe! Ubu umubiri wawe wabaye inzu y'Umwuka wera, nta ndwara cyangwa icyorezo kigomba kuba mu mubiri wawe; anga guturana z'izo ndwara zidafite uburenganzira!

Shyira ikiganza cyawe ahantu hose urwaye mu mubiri wawe nonaha maze wature, "Nanze kwsanisha n'indwara mu mubiri wanjye. Ndategetse iyi ndwara ipfe kandi isohoke mu mubiri wanjye mw'Izina rya Yesu"

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka wera uri muri njye bivuze ngo gukira n'ibyanjye. Mfite imbaraga zikiza muri njye. Ndavuga ubuzima bw'ubumana iminsi yose yo kubaho kwanjye, kandi nk'ikimenyetso, umuryango wanjye ndetse nanywe ntago tuzakandagiza ikirenge kwa muganga mw'Izina rya Yesu! Amena.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:31

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu munsu: Zaburi 105:25-106:33

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nyakanga 11

NTAJYA ATINDA AHAGERA KU GIHE

Yohana 11:39

Yesu arababwira ati “Nimukureho igitare.” Marita mushiki w’uwapfuye aramubwira ati “Databuja, none aranuka kuko amaze iminsi ine.”

Kuzuka kwa Lazaro ntaho byerekana imbaraga za Kristo gusa ahubwo byerekana imitekerereze y’abakrisito benshi muri iki gihe.

Nubwo mushiki wa Lazaro yizeraga imbaraga z’Imana, yarirye Yesu cyane ko yahageze atinze, nyuma y’iminsi ine y’urupfu rwa musaza we. icyanditswe cyerekana ko hari haciyeho iminsi bashiki be bamenyesheje Yesu uburwayi bwa musaza wabo, none kubera iki atihutiye kujya kubareba? Kubera iki yatinze?

Igisubizo kiroroshye; Yesu ntabwo yatinze; yahagereye igihe!

Mu mucu w’abayahudi, bizera ko roho y’umuntu iva mu mubiri nyuma y’iminsi itatu apfuye. Kugeza ku munsu wa kane, Yesu ntagushidikanya yari afite ko Lazaro yapfuye rwose kandi ko kumuzura byakorwa n’imbaraga z’Imana ubwayo!

Abakrisito benshi bafitiye Imana uburakari kubw’ibihe batekereza ko yatinze kuhagera ntibamenye umugambi wayo mugari uwo ariwo! Yitwa Ikora ibintu mu buryo butamenyerewe. Ibibazo ibyo ari byo byose, Arazana ubuzima ndetse ku gihe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

IMANA IHAGERA KU GIHE! Nkorera Imana ikora ibintu mu buryo butamenyerewe. Irazana ubuzima bushya ahantu hose mu buzima bwanjye uyu munsi! Amen.

IBINDI BYANDUTSWE

Abaroma 8:28

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsi: Zaburi 106:34-107:38

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nyakanga 12

USHOBORA KWICA INTEG0 YAWE

Abagatiya 1:15

Ariko Imana yantoraniye nkiri mu nda ya mama, impamagara ku bw'ubuntu bwayo.

Ijambo ry'Imana riguha imbaraga zo kugendera mu ntego yagushyiriyeho, ariko amahitamo yo kubikora ari muri wowe. Ni Wowe ufite inshingano zo kwitaba umuhamagaro w'Imana uri kubuzima bwawe cyangwa ukabireka. Muri ubwo buryo, wa kwica intego zawe z'ubumana uramutse wifuza kubaho bitandukanye n'icyubahiro Imana yagambiriye ko ubamo. Urugero, uramutse uhisemo kubaho mu buryo busanzwe kandi ukanyurwa n'ibiciye bugufi, wica buri mugambi Imana igufiteho wo kuba Umuterankunga w'Ubwami. Ibuka, icyerekezo Cyayo kuri wowe ni cyiza kuri wowe ndetse no kubw'icyubahiro cyayo!

Umurongo wo hejuru urerekana ko Imana yagutoranike mbere yuko uremwa mu nda ya mama wawe. Rero, iyo wemeye ubuzima busanzwe bw'uburwayi n'ubukene, urimo guhitamo kutuzura intego zawe muri Kristo. Hitamo kuba Umukristo ubaho ubuzima bwuzuye nkuko buri muri Kristo, ushyire mu bikorwa icyo yaguhamagariye muri icyi!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbere yuko mpumeka umwuka wa mbere, IMANA YAMPISEMO! Nzuzura umuhamagaro yashyize mu buzima bwanjye Mw'Izina rya Yesu Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 29:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 107:39-109:31

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nyakanga 13

IBIGERAGEZO IBYO ARIBYO BYOSE

1 Abakorinto 10:13

Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu, kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.

Menya ko: Yesu si iherezo ry'ibibazo byawe ariko niwe byiringiro n'igisubizo cyabyo! Utarebye uwo uri we, amakuba azakugeraho rimwe na rimwe mu buzima bwawe, ariko yacyire nkaho ari amabuye yo kuzamukiraho ujya hejuru. Ntabubasha afite bwo ku kwica keretse uyemereye. Uurongo w'uyu muni uratwizeza ko uburemere bw'ibibazo uri gucamo uko bungana kose uyu muni, Imana izi ko ufite imbaraga zo kucyinesha.

Kuvuka ubwa kabiri bisobanuye kwakira ubuzima na kamere y'Imana mu mwuka wawe. Ariko kubera ko benshi badafite ubumenyi bw'abo bari bo muri Kristo, bahora batsindwa mu mpinduka z'ubuzima! Nk'umwana w'Imana, gushyira mu bikorwa ijambo ryayo nibyo biguha imbaraga zo kunesha ibigeragezo byose uhura nabyo. Anga guhungabanywa n'imihengeri y'ubuzima uko ije. Ahubwo, yayire. Ufite imbaraga zica iminyururu zo kujya hejuru yabyo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yampaye imbaraga zoze zo gusubiza inyuma ibitero byose by'umwanzi. Mfite ubuzima na kamere y'Imana muri nje! Ibigeragezo ibyo aribyo byose, Ntako nakwangirika! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 1:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 110-113

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nyakanga 14

IGIHE CYO KUZANA IMVI

Zaburi 71:18

Mana, ntundeke kugeza igihe mera imvi z'ubusaza, Ntarabwira ab'igihe kizaza iby'amaboko yawe, Ntarabwira abazavuka bose gukomera kwawe.

Imwe mu mitekerereze yoroshye wakwiboheramo nukureka ibyo wajezeho kera bihinduka inzitizi ku ntsinzi ikomeye. Dawidi mu cyanditswe, yaramaze kwigaragaza nk'umuyobozi w'umunyacyubahiro, umugabo wo kwizera, kandi indwanyi itagira ubwoba, yanesheje Goliati maze akiza abantu be ataragira imyaka makumyabiri! Hamwe n'urwo rutonde rwo kumenyeka n'ibyo yagezeho bidasanzwe, iyo ahitamo guhagararira ku ntsinzi y'ahahise, ntaho yari kurangiza ibindi bintu Imana yari yaramugambiriyeho.

Mu murongo wo hejuru, ari kwerekana nk'umusaza ugeze mugihe cyo kumera imvi, ariko aracyasaba Imana kumukoresha mu kugaragaza no kwerekana imabaraga zayo kub'igihe cye ndetse n'ab'igihe cyizaza! Nta myaka cyangwa icyiciro urimo mu buzima, Imana yiteguye ku gukoresha kurenza ibyo wizeye ko ushoboye! Hari byinshi cyane igufitiye. Komeza uje imbere.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzarenza ibyo nagezeho mbere! Ntakizitambika intsinzi yanjye. Imana ifite byinshi yanteguriye, ndetse birenze ibyo ntekereza. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 2:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 114:1-118:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nyakanga 15

UBWOBA NO KUBAHA

Imigani 9:10

Kubaha Uwiteka ni ishingiro ry'ubwenge, Kandi kumenya Uwera ni ubuhanga.

Ijambo “ntutinye” rivugwa inshuro Magana atatu na mirongo itandatu n’itanu muri Bibiliya yose , buri muni w’umwaka wose. None nigute, umurongo wacu w’uyu muni utubwira ko gutinya Uwiteka ari ishingiro ry’ubwenge? Ese ni ukuri ko mu mwuka kwahishuwe mu cyanditswe cyangwa n’amakosa yo kwivuguruzwa? Tugumane. Imana irimo irerekana ubwoko bw’ubwo ushobora kugira. Hari ubwoba bwo mu mubiri , bushobora ku gutera ingaruka mbi. Ariko dushingiye ku busobanuro bw’icyanditswe cyo hejuru, ubwoba buvugwa n’ukubaha Imana!

Igisobanuro cya bibiliya cyo kubaha kirakomeye cyane, kuramya gutangaje no kubaha Imana ndetse n’ibintu byose bifite aho bihuriye n’Imana. Nk’Umukristo, ushishikazwa no gukora umurimo w’ubwami ushingiyeye ku kigero cyo kubaha ufitiye Ijambo ry’Imana. Uyu muni, hitamo kuzamura ubuzima bwawe gusumbaye urwego rw’imibereho isanzwe maze ugire kubaha Imana guhamye ndetse n’umuhamagaro wayo ku buzima bwawe; n’ishingiro ry’ubwenge!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Si ntinya icyo umwanzi ashobora kuntwara; ahubwo, Mfite kubaha Imana! Iyo nubashye uwo ari we mu buzima bwanyije, Aranzamura akanjyeza Hejuru cyane! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 12:28

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 118:10-119:40

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nyakanga 16

ITSINDA RYA ZA PENGUIN

Luke 22:32

ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe.”

Inyamaswa za Penguin ziba mu ahantu hakonja cyane kw’Isi, zihanganira igipimo cy’ubukonje bugera munsu ya dogere mirongo itandatu z’ubukonje. Amababa yazo aremye mu buryo yihanganira imihindagurikirire mibi y’ibihe kandi zigira ibinure byongeraga ubushyuhe bw’umubiri kandi bifata urumuri rw’izuba. Ariko muri ibyo byose nta nakimwe gikora neza kurusha itsinda rya za penguin zishyize hamwe! Iyo zikoze itsinda (mu buryo bwa social thermal regulation), hagati muri iryo tsinda, kugenda kwa penguin ubushyuhe bwazo bushobora kugera ku kigero cya dogere mirongo itatu na karindwi

Nkunko penguin zimeze, nk’umukristo, wahawe imbaraga zose zo kwirinda mu bihe by’ubukonje bw’iyisi, wahawe ijamba ry’Imana rituma ushyuha. Ariko hari inyungu ikomeye mu gutera imbaraga abavandimwe bawe na bashiki bawe mu Mwami isumba cyane amasengesho wisengera ubwawe. Uri mw’Itsinda hamwe n’inshuti cyangwa umuryango bafite icyerekezo nk’icyawe. Iga nkwingingira abaturanyi bawe ndetse na bene so bari mw’isi yose uko usenze

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk’uko itsinda rya za penguin ziterana ubushyuhe mugihe cy’ubukonje, Ntera imbaraga abavandimwe banjye na bashiki banjye mu Mwami mu masengesho Nsenga kugirango ubuzima bwabo n’ubwanjye burindwe, uko ibihe byaba bimeze kose, mw’izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 5:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Zaburi 119:41-96

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nyakanga 17

INZIRA ZO KUBONA UMUGISHA

Kuva 4:2-3

**Uwiteka aramubaza ati “Icyo ufite mu ntoki ni iki?”
Aramubwira ati “Ni inkoni.” Aramubwira ati “Yijugunye
hasi.” Ayijugunye hasi ihinduka inzoka, Mose arayihunga**

Miliyali z’abakristo buzuye isi basenga, basaba Imana kubahundagazaho imigisha itarangira bibiliya ivuga byeruye mu buryo bwo guhindura ubuzima bwabo, ariko ntibabashe gusobanukirwa inzira Yahitamo kugira ngo Ibahe umugisha. Imana ntishobora gukungahaza ubuzima bwawe hatari igikoreshe ikoreshe ngo inyuzemo Imigisha yayo ngo ikugereho

Mu murongo wo hejuru, ibyanditswe byerekana Imana ibaza Mose icyo yari afashe mu ntoki. Inkoi umuhanuzi yarafite, mugihe we atabitekerezaga, niyo yakoreshejwe mu kugaragaza imbaraga z’Uwiteka muri Egiputa. Muri ubwo buryo, uko byaba bito kose, rema inzira Imana yakoreshe kugira ngo isohoze amasezerano Yagusezeranyije mw’Ijambo Ryayo. Itange wese n’ubuzima bwawe maze ibitangaza bizakurikiraho!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Bizinesi yanjye n’inzzira Imana ikoreshe kugira ngo impe umugisha. Amashuri yanjye n’igikoreshe Imana ikoreshe kugira ngo impe umugisha. Ahantu hose mu buzima bwanjye haba hanini cyangwa hato, harakoreshe mu kuzana imigisha kuri nje! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Luka 16:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 119:97-160

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nyakanga 18

AMAFARANGA: GUKURAHU URUJIGO

1 Abakorinto 3:21

Nuko ntihakagire umuntu wīrāta abantu. kuko byose ari ibyanyu

Igihe Imana yaremaga isi, amafaranga ntiyabagaho! Amafaranga n'impinduka za sosiyete, Ariko benshi bayafata nkaho yavuye mw'ijuru, kandi uko siko kuri. Ese uziko mu myaka yahise, amafaranga muri banki yawe ntaho yarangwagwa n'inote za banki zifatika ahubwo byabaga ari imibare y'ikoranabuhanga muri mudasobwa iri kumwe n'izina ryawe nk'ikimenyetso ko ufite amafaranga muri banki? Ibyo byerekana ko, uyu muni no muri iyi myaka, amafaranga ari urujijo: abaho gusa mu maso y'abacyene.

Agaciro kawe mu byukuri ntikagaragazwa n'umubare w'amafaranga ufite mu mufuka wawe cyangwa mu gasanduku ubitsamo. Ubukene sukubura amafaranga. Uramutse witaye cyane kuguteza imbere ibitekerezo byawe n'umutima wawe, ingeso zawe zigena umubare w'amafaranga akugeraho

Ntukemere ko amafaranga agutegeka, n'urujijo! Ndetse na Bibiliya iravuga ngo bika ubutunzi bwawe mw'ijuru, ahantu hizewe byukuri. Ntugatwarwe n'urukundo rw'amafaranga, nibwo uzabona agusanga byoroheje. Kura ibitekerezo byawe kubintu by'amafaranga. Ahubwo, wite kuntego y'Imana ku buzima bwawe, maze ibindi byose biza kurikira.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amafaranga si umwami kuri nje! Iyo mpaye umwanya wo gutera imbere mw'ijambo ry'Imana, Mpindura uburyo amafaranga angeraho. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 6:33

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 119:161-124:8

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nyakanga 19

BIRENZE INSHUTI

Yohana 14:16

Nanbye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose

Gutandukana k'ubushuti ubwo aribwo bwose , bwaba ubw'abashakanye cyangwa ubushuti busanzwe, biterwa n'igihe ibiganiro byahagaze kubaho. Abakristo benshi uyu munsu ntibasobanukiwe n'umurimo w'Umwuka Wera mubuzima bwabo kandi nanone birengagiza ikiganiro cyingenzi hamwe na We buri munsu. Data ari mw'Ijuru, kandi n'Umwami Yesu ari mw'Ijuru, bisobanuye ko Imana dusabana nayo n'Umwuka Wera! Niwe utuma twumva kubaho kwa Yesu biba ukuri kuri twe, atuma biba ingenzi cyane kuri wowe kutamuzirikana gusa ahubwo no kuvugana Nawe mugihe gikwiriye, ukamushyira mubuzima bwawe bwose.

Ijambo ry'Imana rimuvuga nk'Umufasha utura muri twe iteka ryose. Rero, bur igihe cyose uhuye n'akaga n'amakuba by'ubuzima , ntago uri wenyine kuko uri kumwe n'ubufasha buhorana nawe igihe cyose. Shyiraho igihe cy'ubushuti na Mwuka Wera ukomeza kuvuga mu ndimi z'umwuka uyu munsu maze ubone ibisubizo byinshi ngo biraza.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mwuka Wera arenze kuba Inshuti yanbye. Muha umwanya ahantu hse mu munsu wanbye. Nziko ahorana nanbye bur igihe; Mvugana nawe mu masengesho mugihe gikwiriye. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 14:26

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 125-131

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nyakanga 20

SAKABAKA MU KIBUTI CY'INKOKO

Hoseya 4:6

Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbura umutambyi. Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.

Abakristo benshi bamenyereye agakiza gafite imipaka. Batekereza ko Yesu yaje gusa kudukiza ibyaha no kwikorera indwara zacu, kandi sibyo gusa. Kuzuka Kwe byaduhaye imbaraga zo kubaho birenze ibisanzwe! Ubukene n'Indwara nibimwe mu buzima busanzwe, mu byukuri wowe nk'Umwana w'Imana, ntugomba kubwemera cyangwa kwisanisha na bwo.

Iyo wakiriye ibintu bihabanye nuburyo Imana yifuza ko ubaho, uba umeze nka sakabaka yakuriye mu kibuti cy'inkoko! Nubwo uri umwami w'icyirere, kuba ubana n'inkoko, uzitwara nkazo maze udware indwara nkazo. Ntuzamenya uburyo ushobora gutumbagira hejuru nukomeza kugubwaneza ahantu hasanzwe. Jyendera mu kuri kuwo Imana yakuremeye kuba we; wavukiye kuguruka hejuru y'imikorere y'iyisi. Baho gutyo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndaguruka hejuru! Nakuriye muri iyi si, ariko sindi uwayo. Ndatumbagira hejuru y'ibitero byose by'umwanzi. Ikintu cyose cyagira icyo kintwara ntikiraremwa kandi ntikizaremwa mw'Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 132:1-135:14

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nyakanga 21

HA IMANA ICYUBAHIRO MU MUBIRI WAVE

1 Abakorinto 6:20

kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana.

Mugihe iki cyanditswe gisobanura Abakristoo nk'insengero z'Umwuka Wera kirazwi cyane muri Tewolojiya, benshi ntago bibaho nkaho ari ukuri. Bibiliya itwigisha ko umubiri wawe ari inzi y'Imana, ndetse ufite inshingano zo kuyirama muri wo. Ibi bisobanuye ko udakwiye kwemerera umubiri wawe kwangizwa n'icyaha, Satani, cyangwa uburwayi ubwo aribwo bwose.

Nk'urusengero rw'Umwuka Wera, ubuzima bwawe bugomba kuba bumeze neza; ugomba guhakanira ikintu cyose kitameze neza mu mubiri wawe, nkuko Imana yakuremye umeze neza mu bitekerezo! Nta bucuruzi butemewe bugomba kubaho kuri wowe n'umubiri wawe kubera ko Umwuka Wera atuye muri wowe. Emeza uwo Imana yakuremeye kuba we muri ubu buzima, utagendeye ku bigeragezo ushobora kuba ufite, watura ubuzima mu mubiri wawe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umubiri Wanjye umeze neza! Nta burwayi na bumwe bwa kwangiza umubiri wanjye. Imana ituye muri njye. Satani wamaze gutsindwa mw'Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 135:15-138:3

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa kabiri, Nyakanga 22

UMWANZI UDASOBANUKIWE

Abakolosayi 3:3

kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana

Abakristo benshi babayeho batekereza ko satani azi ibintu byose biberekeyeho n'ubuzima bwabo kandi siko kuri. Satani ntago ari umunyamwuka, nubwo akozwe mu bintu by'umwuka. Bisobanuye ko nta bushobozi afite bwo kugenzura ibintu byo mu mwuka. Ntago azi intambara ucamo umunsi ku munsi keretse iyo umuhaye uburengazira mu buzima bwawe binyuze mu myifatire ugira iyo ubigezemo. Sobanukirwa ko Satani yamaze igihe mw'Ijuru agendera mu Makara yaka umuriro aramya Imana, ariko ubwo bahuraga mw'isi ntiya mu menye muri Yesu.

Bibiliya iravuga ngo twahishwe muri Kristo. Ibi bisobanuye ko umwanzi wacu, satani, adasobanukiwe n'imigendere yacu. Iga kubyaza umusaruro ubujiji bwe. Mugihe wumva indwara mu mubiri wawe, atura ubuzima mu ngingo zawe. Igihe banki yawe ntakintu kiriho, iga kuvuga ubukire. Umwanzi nta makuru afite!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Satani nta mbaraga afite zo kunyangiza. Ni umwanzi udafite amakuru. Kwatura kwanjye gushingiye ku ijambo ry'Imana, ntago ari kubibazo mfite. Mw'Izina rya Yesu, Ndi umutsinzi! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 2:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Zaburi 138:4-140:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nyakanga 23

UBUHANUZI KU MAGUFWA YUMYE

Ezekiyeli 37:4-5

Arongera arambwira ati “Hanurira aya magufwa maze uyabwire uti ‘Yemwe mwa magufwa yumye mwe, nimwumve ijambo ry’Uwiteka. Uku ni ko Umwami Uwiteka abwira aya magufwa ngo: Dore ngiye kubashyiramo umwuka ngo mubeho.

Ibyanditswe bitubwira ko muri iyi minsi yanyuma, abakristo bose bafite imbaraga zo gukoresha imbaraga zihindura ibintu za gihanuzi. Nyamara ni gake cyane uzabona abantu bazikoresha mu buzima bwabo bwa buri muni. Umurongo wo hejuru urerekana Imana iha amabwiriza Umuhanuzi Ezekiyeli ngo ahanure mu kibaya cy’amagufwa yumye, maze muri ako kanya , amagufwa yumye atangira kujyaho umubiri.

Nk’umwana w’Imana ,Utitaye kubyo urimo gucamo bias n’ibidafite ubuzima, wahawe ubutware bwo kuvuga amagambo ya gihanuzi y’ubuzima kuri byo! Uyu muni, atura ku bibazo byawe, amagambo ya gihanuzi yo kwaguka, gukira indwara no guhembuka maze urebe Imana izura ahantu hose ho mubuzima bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanurira ibibazo byanjye byose! Mfite imbaraga zo kwatura ubuzima ntitaye ku bigeragezo. Buri gufwa ryumye rirongera ribeho NONAHA! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 10:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 141:1-145:7

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nyakanga 24

GENDERA MU RUKUNDO

Yohana 13:34-35

Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana."

Uretse kumenyekana cyane kumurongo wo hejuru, Abakristo benshi bakora nkaho utwikiriwe n'amayobera mu gihe ugendana no kuwushyira mu bikorwa mu buzima bwabo bwa buri muni. Tekereza mu gihe andi madini agaragazwa n'uburyo yambara cyangwa imisatsi yabo, Imana yahisemo urukundo ngo rubere itandukaniro Kubu kristo! Nk'umwana Wayo, ningombwa kuri twe kuta gendera mu rukundo hagati yacu gusa ndetse birakwiye no mu bo tutemeranya nabo, nkuko Kristo yaduhaye urukundo rwagutse mugihe twari tukiri abanyabyaha.

Iyo ugendera mu mujinya n'urwango, mu buryo utazi uba uri guha urwaho umwanzi ngo yinjyire mu buzima bwawe. Anga gusharira n'urwango, uko abantu baba baragufashe kose mu bihe byashize cyangwa mu gihe kiriho ubu. Iyuzuze n'Imana wagura urukundo rwawe kugeza no kubantu wumva utakunda maze urebe ubuzima bwawe bwose uko butera imbere.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndagendera mu rukundo. Ngaragaza urukundo kuri bose mu myitwarire yanjye yose no mubiganiro. Umwanzi ntashobora gutsinda urukundo, rero Ndarukoresha uyu muni! Amen

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 5:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 145: 8-148:6

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nyakanga 25

URWANDIKO RWARASIBWE

2 Abakorinto 5:17

Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.

Nubwo Kristo yaje kudukiza kubw'urupfu rwe no kuzuka kwe, Abakristo benshi baracya boshywe namakosa yabo yacyera nuko bagahura n'ingaruka zabyo nyuma yo gukizwa. Mu gihe uko ariko kuri benshi bamaze kubimenyera, ibi sibyo byari Gahunda y'Imana kubuzima bwawe. Niyo mpamvu benshi bitarashyikira byuzuye imbabazi. Ubwo Imana yatubabariraga ku musaraba, yakuyeho urwandiko rw'amakosa yose yak era.

Mw'isi y'amategako mpana byaha, iyo umuntu ahanaguweho ibyaha, urwandiko rwe rw'ibyaha bya kera ruba ruhanaguwe, maze bagatangaza ko yarenganaga. Ibyo nibyo Kristo yagukoreye ku musaraba. Yaguhaguyeho ibyaha byawe byose bya kera, asiba amafuti yawe yose. Ntaho uri inzira karenga y'amakosa yawe yak era; uri icyaremwe gishya muri Kristo, maze ibintu bya kera bishiraho. Ahahise hawe icyo gisobanuro cyawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndashima Imana ko ejo hashize. Ndi icyaremwe gishya muri Kristo, kandi nta rwandiko rw'amakosa n'amafuti yanjye yak era. Ahazaza hanjye haracyeye; urakoze, Mwami Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 43:18-19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 148: 7-150:6; Imigani 1:1-2:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nyakanga 26

UBUNTU NTIBUGIRA UBUTABERA

Zaburi 5:12

Kuko uzaha umukiranutsi umugisha, Uwiteka, uzamugotesha urukundo rwawe nk'ingabo.

Reba nko, hagati mukavuyo k'ubujura bwitwaje intwaro, umujuru arashe isasu ku nzego z'umutekano kugira ngo abateshe maze abona aho aungira. Isasu rigahusha aho rya ganaga maze rigafata umuturage. Niki gitumye umupolisi agenda ntacyo abaye mu gihe umuturage yakomeretse? Uwo niwo mugisha mu kazi. Nk'abana b'Imana tutitaye kuri gahunda z'umwanzi, turi hejuru y'ingaruka z'ibitero bye, tukabicamo tukagenda nkuko byagendekeye umupolisi, ntakidukozeho.

Niba ibi bisa nk'aho nta butabera burimo, ntabwo ariko bigomba kumera! Mu Mwami Yesu, twahawe amahirwe yo kunyura mu miraba y'isi. Duhora imbere yabayirimo. Imana yaguhaye Ubuntu mubuzima bwawe bwose kugira ngo uzamuke usumbe abagendera mu mwijima. Iyo wize gushyira Ijambo Ryayo mu bikorwa, Ubuntu Bwayo butagira akagero buzakuvuganira!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuntu ntibivuze ko bugira ubutabera! Muri Yesu, Mfite Ubuntu bwo gutera imbere gusumbya abo duhuje umwuga. Ntabimeze nk'amarushanwa kuri nje. Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 3: 4-5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 2:10-5:14

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nyakanga 27

UMURIMO W'UBWIYUNGE

Abaroma 1:16

Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki,

Nk'Abakristo, twese twahamagariwe umurimo w'ubwiyunge; twese twahawe inshingano yo gutsindira ubugingo ahantu hose ku bw'Ubwami bw'Imana. Kugira ngo tubigereho neza, ugomba kwemera rwose ubutumwa bwe, kumumenya neza no gusobanukirwa n'intego ye! Mu murongo wo hejuru, Intumwa Pawulo agaragaza ukwemera gukomeye; ahamya adashidikanya uwo Kristo ari we mu buzima bwe, bityo agatangaza ubutwari bwe mu kwizera.

Mu buryo bumwe, natwe nk'abana b'Imana, ntitukagire isoni z'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo; tubukwirakwize aho tujya hose. Wahawe ubuzima n'Umwuka w'Imana ubwe. Ni yo mpamvu ari ngombwa gusangiza abandi uku kuri, wuzuza umuhamagaro wawe mu Mwami. Nsindira ubugingo bw'abandi uyu muni . Ni umurimo wawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahamagariwe mu murimo w'ubwiyunge, kandi ndi umukozi w'ubushobozi wo gutsindira ubugingo. Ndatangaza ko ibikorwa byanjye byo kuyobora abandi kuri Kristo biza kurushaho kugera kurundi rwego rw'ubutsinzi n'umusaruro uyu mwaka. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 11:30

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 5:15–8:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nyakanga 28

RINDA UMUTIMA WAVE

Imigani 4:23

Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, Kuko ari ho iby'ubugingo bikomokaho.

Igitekerezo cyo kurinda umutima wawe si gishya, kandi kirazwi mu matorero y'Abakristo, ariko se bisobanura iki mu by'ukuri? Tegereza gato. Bibiliya itwerekako ibitekerezo byawe bituruka mu mutima, kandi imico yawo yerekana uko umeze. Umaze kuvuka ubwa kabiri, wahawe umutima wuzuye urukundo, wuzuye Imana ubwayo. Nka bana b'Imana, kurinda umutima bivuze kuwusigasira ahantu hakwiye kandi hizewe mu Mwami.

Hari ingero nyinshi mu byanditswe, uhereye kuri Dawidi kugeza kuri Salomo, zerekana ingaruka zikomeye zo kutita ahantu ugirirwa mushya. Iyo utabikoze, uba wemeraye umwanzi kugira ububasha bwo guteza akavuyo mu buzima bwawe. Ntuzigera wemera ko ubwibone, gusharira, uburakari, ubugome n'urwango bishinga imizi mu buzima bwawe; ibyo ni uburozi mu mutima wawe. Ahubwo, jya uharanira ko umutima wawe uguma mu kwezwabinyuze mu Ijambo ry'Imana, maze urebe ineza yayo igera ku bice byose by'ubuzima bwawe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni ndarinda umutima wanjye n'inkike y'umuriro. Ibiyobya byiy'isi ntibishobora na rimwe kumvanaho kwezwabinyuze mw'Izina rya Yesu!. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 8:12–11:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nyakanga 29

TURI UMURIMO W'INTOKI ZE

Abefeso 2:10

kuko turi abo yaremye ituremye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.

Ikintu kigaragara mu bigo byinshi ni uko iyo bakoze igicuruzwa gishya nk'imodoka igeweho cyangwa telefone bishimira ibyo bakoze kandi bakiyemera kubw'umurimo wabo maze bakihutira gutangaza bishimye ko aribo bari inyuma yikorwa ryicyo kintu. Ibi ni nako Umwami Yesu akureba. Ariko itandukaniro, ugereranyije n'imodoka cyangwa telefone, ni uko ikiremwa cy'Imana cyakozwe neza rwose nta makosa, nta gupfa batiri! Ijambo ry'Imana rigaragaza ko uri umurimo wayo w'icyubahiro ndetse umurimo w'intoki z'umuremyi udasanze

Imana yashyize ikimenyetso cyayo kuri wowe ubuziraherezo, bivuze ko itagushyiriyeho kwemera kurwara, ubukene cyangwa izindi ngaruka z'iyi si kuko yakugize ubisumba byose. Yaguhaye gukomera kurusha intwari zose umwanzi ashobora kukurasa. Ntuzigere wemera ko waremwe kubaho ubuzima busanzwe. Waremwe nta cyasha. Uri igikorwa cyayo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi igicuruzwa cy'Imana kiboneye. Yandemye ntafite inenge mu bitekerezo byayo. Ndi igihangano cyayo, mbaho ubuzima budafite inenge! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 139:14

UMUKORO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 11:12–13:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nyakanga 30

GUKOMERA N'UMUTIMA UMWE

Yakobo 1:8

kuko umuntu w'imitima ibiri anāmūka mu nzira ze zose.

Abakristo benshi batangaza amagambo yo kwizera, basaba imbaraga mu magufwa yabo, ubutwari mu bihe bikomeye, intsinzi nubwo haba hari imbogamizi, n'ibindi byinshi nyamara ibikorwa byabo ndetse n'amagambo bavuga bihabanye n'ibyo batura! Ntushobora kugira imitima ibiri mu bintu by'Imana. Ese koko wizera imbaraga Imana yaguhaye, cyangwa uri kubaho uboshywe no gushidikanya?

Iyo ufite imitima ibiri, icyanditswe muri Bibiliya yitwa Amplified mu murongo wo hejuru ugusobanura nk' udakomeye, ushidikanya, kandi utari uwo kwizerwa! Ubu sibwo buzima bw'Umukristo.

Ugomba kugenda ukomeye mu masezerano y'Imana Bibiliya ivuga ko Imana atari umuntu ngo ibeshye, bisobanuye ko ubutware bwose yavuze ko yaguhaye, yabikoze koko! Baho ubuzima bwuzuye gukomera k'umutima umwe, umutima udashidikanya kandi uhanzwe ku Bwami bw'Imana.

IJAMBO RYA BUHANUZI

Mfite gukomera n'umutima umwe! Sinashukwa n'ibyo isi itanga bidafite umumaro. Niyeguriye rwose ibyo Imana ishaka! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 4:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 14–16

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nyakanga 31

CECEKA AHO BAKINIRA FILIME

Zaburi 34:20

Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, Ariko Uwiteka amukiza muri byose

Tekereza uri umukinnyi wa filime uri aho bakinira filime z'imirwano ikomeye. Umaze ibyumweru witegura kugira ngo ukoze neza uwo mwanya wahawemo wiga amagambo n'imyitoto buri munsu kugira ngo uzabigereho. Muri iyi filime, wowe uri intwari nyamukuru, nubwo wahuye n'ibikomere, wandikiwe gutsinda! Ubu ni bwo buryo ugomba kubamo nk'umwana w'Imana! Ibyanditswe bitwereka ko tubayeho mu buzima bwanditswe! nk'inkuru yanditse aho, amaherezo yawe, ari ugutsinda. Utitaye ku nzitizi uhura nazo, intsinzi yawe irizewe; icyo usabwa ni ugukina uruhare rwawe.

Jya witegura burigihe ugaburirwa kandi ushyira mu bikorwa Ijambo Ryayo. Nta ntambara ujamu ifite ubushobozi bwo kukurimbura. Umurongo uri hejuru utubwira ko Imana yamaze kukurokora ibigeragezo byose ushobora guhura na byo. Muri iyi filime, amaherezo ni uko utsinda!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremewe gutsinda! Nkuko aho bakinira filime bigenda, Mfa kuba nkurikiza ibyanditswe kuri nje, Ijambo ry'Imana Nzaba umutsinzi ntitaye ku bigeragezo! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:4

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Imigani 17–20

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatanu, Kanama 1

INKONI N'AMABUYE

Imigani 18:21

Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana.

Hari umugani uzwi cyane uvuga ngo “Inkoni n'amabuye bishobora kuvuna amagufwa yanyje, ariko amagambo ntazigera ankomeretsa.” Mu gihe amagambo y'abandi adashobora kugira icyo agutwara igihe uyirengagije, amagambo wowe wivugaho ubwawe ashobora kugira ingaruka ndetse zateza akaga gakomeye ku buzima bwawe kurenza uko wabitekereza! Aho uri nonaha ni umusaruro w'amagambo wavuze.

Ijambo ry'Imana rivuga ko ubuzima n'urupfu biri mu mbaraga z'ururimi, bisobanuye ko buri kintu cyose cyapfuye mu buzima bwawe gishobora kuzurwa n'imbaraga zo kwatura kwawe. Nyamara, imbusane yabyo ni ukuri, niwatura amagambo mabi mu buzima bwawe, uzatuma intsinzi ihinduka ikidashoboka! Uyu munsu, hitamo kwitondera amagambo uvuga, ubundi ubone imigisha y'Imana iza nk'umuvu mu buzima bwawe kurusha uko byigeze kuba.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amagambo mvuga afite imbaraga, atyaye kurusha inkota y'ubugi bubiri! Ku bw'imbaraga z'ururimi rwanjye, ndazura buri kintu cyose cyapfuye mu buzima bwanjye n'ubw'abanzengurutse. Ibikomeye birimo kuba nonaha mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 3:5-6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Imigani 21-23

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatandatu, Kanama 2

IMIRIMO N'INZIRA

Zaburi 103:7

Yamenyesheje Mose inzira ze, Imirimo ye yayimenyesheje abana ba Isirayeli.

Hari itandukaniro riri hagati y'inzira z'Imana hamwe n'imirimo y'Imana! Mu gihe cya Mose, Abisirayeli bari bamenyereye kubona ibitangaza by'Imana, biboneye ibyago icumi by'Egiputa, babona inyanja icikamo kabiri; bari bazi imirimo yayo nyamara nta kintu na kimwe bazi ku nzira zayo nkuko Mose yari azizi! Benshi mu mubiri wa Kristo barashaka igitangaza batabanje kwita ku kurema umubano hamwe n'isoko y'icyo gitangaza!

Iyo winjiye mu nzu y'Imana, uba ukwiye kurangazwa imbere no kumumenya birushijeho Atari gusa ibyo ashobora kugukorera! Iyo uhanze amaso ku kubaka umubano ukomeye hagati yawe n'Imana, Imigisha iba yizewe mu buzima bwawe. Iyo ugiye mu Ijambo ry'Imana byimbitse cyangwa ukongera ibihe byawe byo gusenga, bituma uagenda umenya inzira ze kandi kubikora bifungura iriba ry'ubuntu n'igikundiro!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kuko nzi imirimo n'inzira z'Imana, mpanuye umubano udasanze hagati yanjye n'Imana kurusha indi yose nigeze kumenya. Ubuntu n'igikundiro bitemba mu buzima bwanjye mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 4:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 24:1-27 :10

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Kanama 3

TERA INTAMBWE UGANA AHAKOMEYE

Luka 5:4

Arangije kuvuga abwira Simoni ati “Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murebe.

Amaze kubwiriza inyigisho i Galileya, Yesu ahagarara ku nkombe y'ikiyaga cya Geneserati aho yabonye itsinda ry'abarobyi, Simoni Petero na bagenzi be bari kumesa inshundura zabo nyuma y'urugendo rw'uburobyi rutatanze umusaruro. Itsinda ry'abarobyi ryamaze ijoro ryose ryanaze inshundura zaryo hafi y'inkombe nta kintu na kimwe riri gufata! Mu magambo Yesu yahise avuga harimo isomo ry'agaciro ryahishuwe! “Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murebe.” Petero yumviye itegeko rya Yesu, barobye amafi menshi cyane, menshi ku buryo inshundura zabo zacitse!

Nk'umwana w'Imana, ntiwakwitega umusaruro mwinshi niba wicara ugategereza ku nkombe. Inkombe ishushanya umwanya wamenyereye kugumamo. Niba ushaka kubona byose Imana yaguteganyirije muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, itegeko ry'Imana ni IGIRA IMUHENGERI! Senga byisumbuyeho, biba byisumbuyeho, kora Umurimo w'Imana byisumbuyeho; jya byimbitse muri buri gice cyose cy'Umubano wawe n'Imana ubundi amahirwe azatamba aza mu nshundura zawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi gutera intambwe njya ahakomeye! Guhera uyu muni, njya byimbitse mu bintu byose bifite aho bihurira n'Ubwami bw'Imana! Nkuko ifi yoga igana umutego, uyu mwaka, amahirwe mashya yose, azirukankira kuri njye ku byinshi. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 42:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 27:11-30:33

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Mbere, Kanama 4

UMUNYAMAHANGA MU BUTAKA BWANGE

1 Petero 2:9

Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranyijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza.

Kuba umunyamahanga mu gihugu cyawe bisobanuye gutandukana n'umuryango mugari ndetse n'imico y'igihugu. Mu gihe ibi bishobora kugira isura mbi mu isi, ku mwana w'Imana, ni ukuri kumufitiye umumaro! Gumana nanjye; Umurongo wo haruguru ukwita ubwoko bwatoranyijwe, ishyanga ryera, abantu Imana yaronse, iyo uhisemo kwakira Yesu nk'Umwami w'ubuzima bwawe, uhita ako kanya utandukana na buri kimwe cyose cyo mw'isi!

Buri kibazo urubyarwo rwawe ruhura nacyo, nta ngaruka biba bigufiteho kuko uri uwo mu rubyarwo rwatoranyijwe! Ibibazo by'ubukungu bw'igihugu cyawe, imiterere ya politiki mpuzamahanga cyangwa se amagara yawe nk'umukristo, nta mbaraga bifite ku iterambere ryawe kuko uri uw'ishyanga ryera, ubohowe ibibazo by'isi! Uri umwami n'umutambyi, ishyanga ryera, umunyamahanga ku bibazo by'isi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mba muri iyi Si, nyamara sindi uwayo! Ibibazo Isi ihura nabyo si umugabane wanjye! Ndi ubwoko bwatoranyijwe! Mba hejuru y'imikorere yo mu isi. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 17:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 31; Umubwiriza 1:1-3:8

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kabiri, Kanama 5

UMURIMO WANGE UBYARA INYUNGU

Imigani 1:23

Umurimo wose utera inyungu, Ariko amazimwe y'ururimi atera ubukene agatubya.

Wari uzi ko nk'Umwana w'Imana ikintu cyose ukozeho kigomba kubara inyungu? Si bimwe na bimwe, si byinshi muri byo, ni byose! Nyamara nubwo uku ari ukuri k'umwuka, Abakristo benshi uyu muni babayeho mu bukene bukabije ndetse n'indwara kuko bananiwe guherekeza amagambo yabo ibikorwa. Iyo umwaka utangiye, billiyoni z'abantu zirihuza, zikaganira ku ngamba z'umwaka mushya bateganya gukurikiza mu gihe cy'amezi cumi n'abiri. Umurongo wo haruguru utwereka ko kunanirwa gushyira mu bikorwa izi ngamba zafashwe, ukazivuga gusa, biganisha ku bukene!

Ijambo inyungu ntirisobanura kunguka mu bijyanye n'ubukungu gusa, ahubwo binasobanuye ko kugira umumaro, kuzana amahirwe, gutanga umusaruro cyangwa se guhemba; waba uri kunyura mu bigoye mu mashuri yawe, umuryango cyangwa se urushako, menya ko byose biganisha ku iterambere kandi bigomba gutanga umusaruro uzana inyungu.

Anga gutakaza ubushobozi uvuga ku byo uteganya gukora ahubwo ubikore. Imana yamaze gushyiraho ibyo ukeneye by'umwihariko kugira ngo utere imbere, shyiramo imbaraga muri buri mugambi ubundi wirebere ikiba!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu mwaka, icyo nzakora cyose kizera imbuto, ndi intsinzi ikomeye. Amagambo yanjye nzayaherekeresha ibikorwa. Nitaye ku rwego rw'ubumenyi, buri murimo wanjye wose ubyara inyungu mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yobu 22:28-29

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Umubwiriza 3:9-8:17

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatatu, Kanama 6

AMAGAMBO YA DELILA

Abacamanza 16:16

Nuko Delila abaza Samusoni ati “Ndakwinginze, mbwira aho imbaraga zawe nyinshi ziva n’icyakuboha ugashoboka?”

Delila ntabwo yagerageresheje Samusoni umubiri we, ahubwo yamugerageresheje amagambo ye. Inkuru ye ntabwo ari inkuru mbi yo kureshya yewe si n’irari ry’umubiri ryazaniye umugabo kugwa, ahubwo binahamya akamaro kari mu guhitamo abantu bakuzengurutse ndetse n’ibyo bavuga! Samusoni yikomeje ku mbaraga z’Imana, nyamara kubw’umuntu umwe gusa yiyegereje, atakaza icyerekezo cye cyose.

Hari ingero nyinshi muri Bibiliya zigaragaza uko amagambo y’ibinyoma cyangwa se mabi yakoresheye nk’intwari ikurwanya, bikomeye ku rwego Satani yabeshye abamarayika mu ijuru akoresheje amagambo ye gusa - nta gikorwa! Ahazaza hawe hashobora gutanyuka byoroshye bitewe n’amagambo uhitamo kumva. Hitamo kvanaho ubwoko bwose bw’ibirangaza bishobora kuba byabangamira icyo Imana yaguhamagariye kuba cyo. Ca buri munyururu w’ikirangaza muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, ufite Imbaraga, ZIKORESHE!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana ituye muri nyewe, sinshobora gutsindwa. Nta magambo y’umwanzi yatuma ntakaza icyerekezo. Buri jambo ryambatiye kuri satani n’abambari be riracitse mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 15:33

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Umubwiriza 9-12; Indirimbo za Solomo 1-2

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kane, Kanama 7

ISENGESHO RITANGA IBIHAMYA

Luke 11:1

Nuko ari ahantu hamwe asenga, arangije umwe mu bigishwa be aramubwira ati “Data buja, twigishe gusenga nk’uko Yohana yigishije abigishwa be.”

Abigishwa bari aba b’Abayahudi b’ukuri bari bamenyereye gahunda y’amasengesho isanzwe bakagira iminsi myinshi yera igendera ku masengesho azwi nka “Yom Kippur” cyangwa se isabato yari ishingiyeye mu muco wabo, ibi bikaba bitangaje uburyo babajije Yesu uko bakwiye gusenga. Muri kiriya gice cy’ibyanditswe ukuri k’umwuka kurahishurwa, gumana nanjye.

Bibiliya itugaragariza ko kenshi cyane ko mbere yuko Yesu akora byinshi mu bigitangaza bikomeye bigaragara mu isezerano rishya, agaragara yitarura akajya gusenga. Igihe abigishwa be bamusabye kubigisha uko basenga, bamubazaga uko wabona ibisubizo binyuze mu masengesho!

Abakristo benshi uyu muni, kubera kudasobanukirwa icyo isengesho ryaremewe kubakorera, bahagarikira ku by’ibanze ryakora, nkaho ari ugusaba Imana ngo igire icyo ikora gusa; Isengesho ni iryo kukurema! Ukoresha isengesho ngo ureme Isi yawe, ngo uce inzira y’ubuzima bwawe kandi uzabona umusaruro buri uko usenga.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nshigikiwe n’Imbaraga z’Isengesho riyobowe n’umwuka! Buri kimwe cyose mvuga uyu muni mu isengesho kizarema ubuzima bwanjye bwa cyami, ubuzima buheshejwe umugisha, ubuzima bw’intsinnzi muri buri gice cyose. Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 5:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Indirimbo za Solomo 3-8; Yesaya 1:1-9

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatanu, Kanama 8

UMUNTU SI IKIRWA

Abafilipi 1:7

kandi birankwiriye ko mbatekereza ntyo mwese, kuko mu ngoyi zanjye no mu mpaka ngira kurwanira ubutumwa bwiza mpamya ko ari ubw'ukuri, mbahoza ku mutima nibuka ko musangiye nanjye ubuntu bw'Imana.

Hari imvugo ikoreshwa cyane ivuga ngo, 'Umntu si ikirwa, wo kubaho wenyine; buri muntu ni igice cy'umubumbe, igice cy'ibiriho nyamukuru.' Bishobora kugutungura usanze benshi mu ba milliyoneri n'aba billiyoneri babyigejejeho uzi, ari umusaruro w'ibitekerezo by'abandi, ibikoresho cyangwa se imitekerereze. Umu billiyoneri wo mu by'ikoranabuhanga Bill Gates, Se yari umu milliyoneri wari ufite ikigo cy'abunganizi mu mategeko, mu gihe Nyina yari umucuruzikazi wateye imbere ari na we wamuhije n'abantu b'ingenzi bagombaga kumufasha igihe azatangirira ibigo by'ubucuruzi bye!

Nk'umwana w'Imana, umuryango wawe ntabwo ari wo fatizo ry'iterambere ryawe, ahubwo ni aho ukura ubuntu bw'Imana! Iyo wikomeje ku nyigisho n'ihishurirwa ry'umuntu umwe, uba uri kwizirika ku nyungu z'ubuntu bw'Imana bafite. Ntushobora gutsindwa, ubuntu n'igikudiro byo kukuzanira iterambere biba bihari ku bwawe. Ntabwo uri ikirwa, uri umwe mu bagize igihugu gitera imbere gikize mu buntu bw'Imana ari cyo Gihugu cy'Inkuru nziza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo ndi ikirwa, ngize igihugu kinini kandi gikize, sinshobora gutsindwa kuko ubuntu ndimo buhagije. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 1:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 1:10-5:17

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatandatu, Kanama 9

NDI UKOMOKA KU MANA

1 Yohana 5:13

Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho.

Inyingi zigaragaza ko gatanu kugeza ku icumi kw'ijana y'indwara zose zica, ziherekanywa binyuze mu miryango, bisobanuye ko igisekuruza kibi gishobora kubyara umuruho w'ibinyejana bizaza. Muri Kristo, Imana yaguhaye amahirwe yo kuba umwe mu muryango mushya aho wabatuwe ku ngoyi ziboshye abagituye mu bwami bw'umwijima! Ubumenyi bw'uwuriwe muri Kristo bufite ubushobozi bwo kugusunikira mu buzima bw'ubutsinzi, nk'uko yakuremeye kuba.

Abantu bari bafite ukwizera muri Bibiliya nk'intumwa Yohana, ibi bari barabimenyereye, ku buryo nyuma y'imyaka igihumbi abanyeshuri n'abizera bamuvuga nka Yohana Uwera! Uko uzagenda umenya uwo Imana yakuremeye kuba we vuba bishoboka, ni nako uzagenda ubohoka ku minyururu satani yagushyizeho. Uyu munsu, hitamo kubaho mu kuri kudashidikanywaho yuko uri Uwera, nta ndwara, cyangwa se gukena uko ari ko kose gufite ububasha bwo gukurikirana iki gisekuruza gishyitse!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi Ukomoka ku Mana! Ndi uwo mu rutonde rw'abagize umuryango w'Imana, ari wo mubiri wa Kristo. Amaraso yera kandi atavangiye! Mbaho ubuzima bwiza cyane kubera ko nizera mu Izina ry'Umwana w'Imana! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 3:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yesaya 5:18-9:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Kanama 10

AKA KANYA, NTA GUKERERWA

Zaburi 84:11

Kuko umunsi umwe mu bikari byawe uruta iyindi igihumbi ahandi, Nakunda guhagarara ku muryango w'inzu y'Imana yanyje, Bindutira kuba mu mahema y'abanyabyaha.

Umurongo wo haruguru utwereka ko Imana yahaye igikundiro n'icyubahiro abana bayo ntacyo isize inyuma, bishatse kuvuga ko Imana itari inyuma yo gutsindwa k'ubucuruzi bwawe, urushako, amashuri cyangwa gutsindwa mu buzima busanzwe. Ikibazo ni, kubera iki tubona Abakristo bavuga mu ndimi, bizera bibiliya, bakoresha ibyanditswe buri muni bari kwitotomba mu isengesho no mu biganiriro yuko imigisha yabo yanyazwe na satani?

Bishobora kugutungura umenye ko satani na we ubwe adafite ububasha bwo gutinza cyangwa se guhagarika imigisha yawe! icyo yakora ni ukuguhindurira ubuzima uramutse umuhaye ububasha bwo kubwinjiramo. Jya wibuka ko Imana yacu ari Imana ikomeye, ituye muri wowe. Nta kintu gifite ububasha bwo kumwimura cyeretse ari wowe ubihisemo.

Buri gisitaza cyose ushobora kuba warahuye nacyo uri gushaka ubuzima Imana igufitiye, gishobora kubonwa ndetse kikangizwa binyuze mu mbaraga z'umwuka wera utuye muri wowe ndetse no gushyira mu bikorwa amahame ya Bibiliya. Nta badayimoni bafite imbaraga cyangwa ubushobozi bwo guhungabanya ubutoni bw'ubumana bwawe muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu! Nta kintu kiza na kimwe Imana yasize inyuma itakiguhaye! Atura ko buri kimwe kiza cyose kigusanga nonaha nta gutinda!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta mugambi numwe w'umwanzi ushobora guhagarika ibyo Imana yanteganyirije muri uyu mwaka. Sinzigera nemerera Umwanzi guhagarika ibyanjye binyuze mu kwemera gushukwa na we. Imigisha yanyje iraza AKA KANYA KANDI IDATINZE mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ezekiyeli 12:28

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 9:13-13:16

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Mbere, Kanama 11

BWAKEYE

Abefeso 4:26-27

Nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarengye mukirakaye. kandi ntimubererekere Satani.

Birababaje gusa biramenyerewe ko abakristo babana na kamere y'Umujinya n'uburakari batabanje kwitonda ngo barebe impamvu zitera iyo mico n'imyifatire y'abadayimoni. Umujinya urenze urugero wakwangiza ubuzima bwawe; ntugatume umujinya ugenga uburyo utwaramo ubuzima bwawe. Ni ingenzi cyane gusobanukirwa itandukaniro riri hagati yo guhisha umujinya wawe no kuwurekura ukagenda! Benshi bazavugaga ko batarakaye kandi bakikomeje ku nzika ziri kubavomamo imbaraga mo imbere. Aho kugira ngo uhangayike ucecetse, aha kurakara ubisimbuzwe umunezero n'amahoro

Umurongo wo haruguru utwereka ko kwemerera ububihe, ishyamba, ubwirasi cyangwa kutabasha kubabarira ngo udahungabanywe ubuzima bwawe, wemerera umwanzi gufungura urugi akabona ijamba ndetse akagenda ibikubaho. Ntukemerere uburakari bwawe ko burangiza umunsi. Igitondo kiraje, ibyari uburakari bw'ejo ni umunezero n'amahoro!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Bwakeye! Sindi bwemerere imihangayiko y'ijoro ryashize, icyumweru gishize cyangwa ikindi gihe ko biza mu wundi munsi! Mwisemwo ubuzima bw'umunezero n'amahoro aha ijuru mu izina rya Yesu! Amen

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 1:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yesaya 13:17-19:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kabiri, Kanama 12

URUGERO RWA TELEVIZIYO IMEZE NK'AGASANDUKU

Abakolosayi 2:6-7

Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we, mushōreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk'uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye.

Wigeze ubonaho televiziyo ya kera imeze nk'agasanduku? Ntimize nka televiziyo tubona muri iyi minsi, yo yakoraga bitewe n'umwanya bashyizemo antene yayo ngo ibashe gufata umuyoboro. Iyo zitabaga zicometseho kandi ngo zibe zishyizwe mu mwanya wazo, ishusho ryazaga risa nabi, bikaba byanatuma bitagaragara habe namba! Nk'umwana w'Imana ubasha kugira ibyo ukora kuko uhujwe na So, ushyira antene zawe mu mwanya wazo uko utumberera ijamba ryayo n'intego ye mu buzima bwawe.

Niba bijya bikubaho ko wumva utaye icyerekezo, ujye wongera ugenzure sinyare zawe. Aho waba ukihujwe n'ubuzima bw'ubumana? Uyu mwaka wo Guca Iminyururu, ugenzure antene zawe kandi wisubize ku murongo kugira ngo wizere neza ko iyerekwa rye mu buzima bwawe rigaragara neza mu maso yawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndacyihuje n'Imana n'umugambi wayo ku buzima bwanjye! Sinshobora kumva mbuze icyerekezo mu gihe antene zanjye zishyizwe mu mwanya wazo n'ijambo ry'Imana! Uyu mwaka imiyoboro yanjye imeze neza cyane, ndi kubona umugambi w'Imana ku buzima bwanjye mu ishusho ikeye cyane! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 15:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 19:11-24:6

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatatu, Kanama 13

GUTUNGANYIRIZWA MU ITANURA RY'IBIBAZO

Yesaya 48:10

**Dore ndagutunganyije ariko si nk'ifeza, nkugeragereje mu
ruganda rwo kubabazwa.**

Inzira yo gutunganya ifeza bayita “Cupellation”. Muri iki gikorwa, ifeza yanduye bayishyira mu bushyuhe bwishyira cyane, bakayitwikira ku gisahani cyabugenewe kitwa “Cupel” cyaremewe gukamura ibyuma bidakenewe nk'ubuyongo n'umuringa bigaragara mu gice cyanduye. Uko icyo cyuma gitwikwa, ibyuma byo hasi byivanga n'umwuka wa oxygen bigakamurwa na cya gisani, bigasiga ifeza isukuye hejuru!

Ni kenshi cyane abizera bihutira gucika intege mu gihe haje ibitero bisa nkaho ari bo biri kureba ku mpande zose, ikibitera ni uko baba bananiwe kumeya ko muri icyo miruho yose, bari mu nzira yo gutunganywa mu itanura ry'ibibazo! Nk'ifeza, itanyuze mu nzira yo gutunganywa yo mu itanura, niko nawe usigara udatunganyijwe, uri kure y'uwo Imana yifuza ko uba we. Anga kubaho mu bwoba igihe haje ibigeragezo, nta ntambara ikomeye ku buryo yaguhungabanya, uzabisohokamo ukomeye, urenze uko wari umeze kandi utunganye ijana ku ijana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwanzu ari kurwana intambara yo gutsindwa! Buri kimwe nahuye nacyo cyarantunganyije ngo mbe umugaragu w'umwami utunganye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 1:6-7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 24:7-28:22

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kane, Kanama 14

UTEKEREZA KO URI INDE?

Imigani 23:7

Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari. Yenda arakubwira ati “Ngwino ngufungurire”, Ariko umutima we ntabwo uba uhuje nawe.

Mu gihe iyi nteruro “Utekereza ko uri inde” ikoresheya cyane kugira ngo uteshe umuntu agaciro igihe murimo muja impaka cyangwa se muri mu bindi biganiriro, mu rugendo rwawe na Kristo, uburyo wibonamo ni ingenzi cyane kugira ngo ubeho ubuzima bw’ubutsinzi Imana yifuza ko ubaho. Umurongo wo haruguru utubwira ko, uko umuntu atekereza ku mutima we ari nako ari. Tangira utekereze ko ubukire ari ubwawe, tekereza ko iterambere ari umugabane wawe, tekereza ko uri umutoni wo ku rwego rwo hejuru, kuko buri kimwe cyose kizana n’ubugingo n’ubumana ari icyawe. Iyo utangiye kubyizera mu mwuka, n’ibyo mu buzima bugaragara bizahatirwa kujya muri uwo murongo!

Iyo ubaho muri uko kwizere k’uwo Kristo yakuremeye kuba we, ntushobora guhungabanywa n’ibintu bito nko kwisuzugura cyangwa agahinda gakabije. Ikindi umuntu nakubwira ngo “Utekereka ko uri inde,” uzamusubize ushize amanga uti, ‘Ndi uca Iminyururu, Ndi gutera imbere mu bice byose by’ubuzima, NDI IGIHANGANO K’INDASHYIKIRWA CY’IMANA!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi uwo Imana impamagarira kuba! Nibona uko Kristo ambona. Ndi mu ntera ndende hejuru y’umwanzi n’imigambi ye idatanga umusaruro! Ndi umu ambasaderi w’Imana isumba byose – Gutsindwa ntibiba mu magambo yanjye mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 2:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yesaya 28:23-32:20

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatanu, Kanama 15

IMYUMVIRE Y'INTARE

Matayo 14:23

Amaze kubasezerera aragenda, azamuka umusozi wenyine aya gusenga. Bwari bugorobyeye, ari yo wenyine.

Ntabwo ari Ibanga ko mu bwami bw'inyamanswa intare iri ku isonga nk'umwami w'ishyamba. Ariko se wari uzi ko imara igice kinini cy'umunsi wayo iryanye? Amasaha cumi n'atandatu kugeza kuri makumyabiri iyamara iri kuruhuka, yegeranya imbaraga zo guhiga mu ijoro! Muri uyu murongo tubona Umwami Yesu asezerera abigishwa be ngo asenge wenyine; icyo iri sengesho ryari rimaze kigaragazwa mu bikorwa byakurikiyeho. Nyuma y'igihe cyo kwiherera, yakoze bimwe mu bitangaza byamenyekanye cyane mu isomo rya Tewologiya: Umwami Yesu yagendeye hejuru ku mazi!

Nk'umukristo ni ingenzi cyane yuko ugira imyumvire nk'iy'intare, ugasobanukirwa akamaro ko gufata umwanya wo kwisubizamo imbaraga mu isengesho. Nkuko intare yegeranya imbaraga mu mwanya wo kuruhuka wayo, nawe wakwegeranya imbaraga ugaha ubuzima bwawe ishusho mu isengesho. Iyaba wakwizera mu kuri k'umwuka, umusaruro uzakurikiraho uzaba ufite imbaraga zihagije zo kunyeganyeza imfatiro z'ibyo watekerezaga ko bidashoboka!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nsengera mu mwuka wera uyu munsi, Ndi kwisubizamo imbaraga za buri murimo untegereje imbere. Ndahinyura amategeko asanzwe agamije kutanyemerera gutera imbere mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 18:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yesaya 33:1-37:29

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatandatu, Kanama 16

GUCECEKA SI AMAHITAMO

Mariko 10:48

Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana.

Bimwe mu bikoresho bikomeye by'umwanzi mu guhungabanya intego y'Abakristo ni ukubahindurira imitekerereze anyuze mu bantu bemerera kubaba iruhande. Hari benshi bafite intego nyamukuru yo kubangamira gukura kwawe mu mwami cyangwa bakamera nk'ibisitaza hagati yawe n'umugisha wawe. Bakavuga interuro zivuga ngo "ubundi koko wizera ibintu byose byo muri Bibliya," cyangwa "Ntabwo ibintu byose byaba Imana gusa, jya unyuzamo nawe ubeho," "Ni ngombwa ko buri gihe usakuza mu rusengero?" mu gice twasomye haruguru, Barutimayo wari impumyi yakiriyeho gukira kwe bishingiye ku gisubizo cye ku ijambo yahawe! Hagati muri benshi bari bari kumukwenera urusaku rwe, ntiyemeye guceceka!

Abakristo bacecetse bapfa bacecetse; iyo bigeze ku kuri k'umwuka, guceceka ntabwo biba bikiri amahitamo! Abakristo uno muni basiba ku migisha Imana ibafitiye mu bubiko mu buryo bworoshye kubera ko bananiwe kugaragaza ukubaho kw'Imana mu buzima bwabo bitewe n'urwego babyakiriyeho. Nka barutimayo wari impumyi, Iyo Imana izanye igisubizo k'ikibazo cyawe imbere yawe, ntukemerere umuntu numwe kugucecekesha!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo ndi umukristo ucecetse. Guceceka ntibijya biba amahitamo yanjye! Ndatara imbaraga zihindura ziba mu ijambo ry'Imana ngo zibe umuzi mu buzima bwanjye nonaha nkuko ntegeka buri kimwe cyose kiza ngo kimbeho uyu muni mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 37:30-40:31

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Kanama 17

GUHORA NI UKW'IMANA

Abaroma 12:18-19

Niba bishoboka, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose. Bakundwa, ntimwihōranire ahubwo mureke Imana ihōreshe uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo “Guhōra ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Uwiteka avuga.”

Nk'umukristo, Imana irashaka ko ubaho ubuzima buzira imihangayiko no kutaruhuka, nyamara abakristo benshi barakishyira mu mwanya w'uburakari buhoraho no kwihorera ku babagiriye nabi mu minsi yatambutse. Iyo ugiye muri ibyo bikorwa uba uri kwiha inshingano Imana yo ubwayo yavuze ko ari iyayo! Inshingano yawe nyamukuru igendanye n'agahinda abandi baguteye, ni ukubaho mu mahoro kuko yatumye uyabona binyuze mu rupfu rwe no kuzuka kwe.

Umurongo wo haruguru uvuga ko guhora ari ukw'Imana! Igitero cyose cy'umwanzi cyoherejwe ngo kikwangize, usibye no kuba nta bubasha gifite bwo kukwangiza, Imana yo ubwayo izaza ibirwanye. Uhereye uno munsu hitamo gushyira kure inzika n'umujinya, ubeho mu mudendezo w'uko Imana izahorera ibyo wabuze byose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinteshwa umutwe n'imihangayiko y'ahashize cyangwa iy'ubu! Mbaho mu mahoro atangwa n'Imana anyemerera kurenza amaso abangiriye nabi. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 16:33

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yesaya 41-44

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Mbere, Kanama 18

ITEGANYAGIHE RY'UYU MUNSI

Matayo 4:38-39

Yari asinziriye aryamye ibwerekeza, yiseguye umusego. Baramukangura baramubaza bati “Mwigisha, ntubyitayeho ko tugiye gupfa?” Akangutse acyaha umuyaga, abwira inyanja ati “Ceceka utuze.” Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose.

Bimwe mu bintu bihamye bidahinduka, ni imihindagurikire y'ikirere, kiva mu bushyuhe kijya mu bukonje, kuva mu bihe by'imvura ujya mu bihe byumye gutyo gutyo, ni ibintu biba mu gahe gato cyane! Ni mu buryo bumwe, bijya kumera kimwe n'ibibazo duhura nabyo mu buzima bwacu uburyo ari byinshi. Abakristo benshi bakora ikosa rikomeye ryo kwitega ko ibibabaho mu buzima bigomba kujya ku rwego rumwe n'umunezero wabo. Bitega ko amahoro aba umugabane wabo mu gihe konti yabo ya banki ibyemera gusa. Ibi biri kure y'ukuri.

Dushingiye ku ijamba ry'Imana, nta tandukaniro riri mu byo uhura nabyo mu buzima yaba imvura cyangwa izuba riva, ntibigomba kugena amahoro cyangwa umunezero wawe. Hari amahoro atangwa n'Imana ashobora guturisha imiraba ikomeye ikuzengurutse. Reba urugero rw'umwami wacu Yesu, yaryamye atuje mu gihe cy'umuraba mubi cyane! Ikirere kimeze gute mu buzima bwawe uyu munsu? Uko byaba bimeze kose, ntugatume bigena amahoro yawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sintinya ibiba binzengurutse. Ntitaye ku byo iteganyagihe ryo mu mwuka uyu munsu rivuga, Sintinya imigambi ya satani itagira umusaruro. Hazabaho amahoro mu buzima bwanjye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Habakuki 3:17-18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yesaya 45-49

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kabiri, Kanama 19

UMUKINO W'ABASHINWA WO KONGORERANA

Ibyakozwe n'intumwa 17:11

Ariko abo bo bari beza kuruta ab'i Tesalonike, kuko bakiranye ijambo ry'Imana umutima ukunze, bashaka mu byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby'ukuri koko.

Kongorerana kw'abashinwa ni umukino w'abana aho abakinnyi bicara ku murongo cyangwa mu kiziga ubundi bagahana ubutumwa bongorerana biva kuri umwe bijya ku wundi. Ubutumwa bujya kugera kuri wa wundi wanyuma, bwahindutse bisekeje bitewe na bamwe batumvishe amagambo neza cyangwa izindi mpinduka zabayeho nk'impanuka. Mu isi yuzuyemo guhererekanywa kw'imitekerereze, amaphilosophie, ibitekerezo bya inyigo y'iyobokamana n'ibindi biganirwa bizwi cyane muri rubanda, biroroshye cyane ko ubona amakuru agendanye n'ijambo ry'Imana anyuranye n'ukuri cyangwa se yahindutse bitewe n'aho uyumviye cyangwa uwabaye igikoreshe kibikugezaho.

Mu izamuka ry'inyigisho z'ibinyoma, nutagenzura ibikwinjiramo bitorohere umwanzi kukugabaho ibitero. Umurongo wo haruguru utwerekana ko aba Beroya bashakaga mu byanditswe BURI MUNSI ngo barebe ko ibyo Pawulo avuga ari ukuri! Benshi bafata gusoma Bibiliya zabo nkaho ari ikibazo, ahubwo bakaba bakwizera amagambo y'undi muntu batabanje kugenzura mu ijambo ry'Imana. Hitamo gufata ijambo ry'Imana ukarigira irya mbere mu buzima bwawe uyu munsu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Guhura uno munsu, nzajya byimbitse mu kumenya ijambo ry'Imana. Sinzatwarwa n'inyigisho z'ibinyoma cyangwa amajwi mabi agambiriye guteza imidugararo mu buzima bwanjye. Umusaruro nkuramo, ni uko Ndi umunyamugisha birenze urugero! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Timoteyo 3:16-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yesaya 50-54

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatatu, Kanama 20

INTUMWA ZA KRISTO ZIGENDANA ICYUBAHIRO

2 Abakorinto 5:20

Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye mu Imana,

Wari ubizi ko nk'umwana w'Imana usibye no kuba ufite umwuka w'Imana muri wowe, ugendana ikirere cy'ijuru aho ugiye hose? Ibi bisobanuye ko umuhamagaro uwo ari wo wose waba ukora cyangwa se isomo runaka wiga, ntabwo uba ugendera ku mabwiriza amwe nab'iyisi, Ahubwo uba ugendera ku y'ijuru! Amwe mu makosa akomeye wakora ni ukwirebera mu mboni isi ukureberamo aho kwirebera mu yo Imana ikuboneramo!

Niba uzi neza akamaro ufite nk'uhagarariye ikirere cye, umu Ambasaderi wa Kristo, ugomba guhora ugendana icyubahiro. Hari imyitwarire izana n'aka kazi. Egura umutwe; zamura intugu ubundi utera intambwe ushize amanga, kuko uvugira Imana! Nta byanduye bigera ku munwa w'uhagarariye ijuru, umujinya ntabwo ari cyo gisubizo, imyitwarire mibi n'ikiyeye kukumvaho, ahubwo ukwiye kurangwa n'ubuzima bw'ubunyangamugayo ndetse bwera. Igihe wakiraga Imana mu buzima bwawe, watandukanye n'ibye'iyi si ubundi ushyirwa ku ruhande ku bwe. Uhagarariye ijuru, uri ijamba ry'Imana ryigendera, gendana icyubahiro mu byo uraba uri gukora uyu muni.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagarariye Imana. Iyo abantu bambona ngenda, babona Kristo agenda; buri kimwe cyose kuri nyje kiramugaragaza! Ntwara ubumana, ni koko ngendana icyubahiro mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 2:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yesaya 55:1-60:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kane, Kanama 21

GUTANGA BITANGA UMUSARURO BURI GIHE

2 Abakorinto 9:6

Ariko ndavuga ibi ngo “Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi.”

Umutwe w’ikigisho cy’uyu muni gishobora kugutungura, kuko abakristo benshi hiryana no hino ku isi bashobora kwibuka inshuro nyinshi batanze biteze umusaruro munini w’amafaranga nyamara bakakira “Ubushya.” Nyamara, siko bimeze! Gutanga kwawe bizahora bitanga umusaruro nk’uko ijamba ry’Imana ribisezeranya. Ikibazo dusanga mu rusengeru uyu muni ni uko abantu bahuza imigisha n’ibihembo by’amafaranga nk’umusaruro wo kubiba no gutanga kwabo!

Mu gihe wakira icyo imigisha kubera gutanga kwawe, ni iki kikubwira ko niburukana abakozi ku kazi kawe izina ryawe rizabwira ritari mu yo bagomba kwirukana, cyangwa se ubuzima bwawe butagomba guterwa n’indwara zayogoye igihugu cyangwa umugirane wawe? Bibiliya mu gitabo cy’Imigani 21:18 itubwira yuko ababizi bazabera incungu abakiranyutsi, Imana izatanga ubuzima bw’ababizi mu cyimbo cyawe! Uyu muni iga kubasha kumenya ahantu Imana yagiye ihitamo kuguhera imigisha yo gutanga kwawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi utanga nishimye! Nzi yuko icyo ntanze ku Mana, mpora niteze umusaruro utari uw’amafaranga gusa, ahubwo no mu bice byose by’ubuzima bwanyije, yaba amagara, amahoro, cyangwa ahandi! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 21:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yesaya 60:10-65:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatanu, Kanama 22

MU IZINA RY'UMWAMI

Abakolosayi 3:17

Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, muje mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw'uwo.

Ni iki cyatumye Pawulo ku musozo w'umurimo we w'Imana avuga amagambo ameze kuriya, Narangije isiganwa ryange, Narwanye intambara nziza, n'ikizere cyinshi cyuko yarangije umuhamagaro we bwite? Umurongo wo haruguru utwereka neza ishusho y'imitekerereze ye. Pawulo yakoze ibintu byose mu izina rya Yesu! Mu gihe ibi bigaragara nk'igitekerezo cyumvikana, Abakristo benshi ntabwo bahora bagendera muri uku kuri!

Wabasha kuvuga ushize amanga yuko icyatumye ushaka ako kazi ari ukugira ngo uteze imbere ubwami bw'ijuru? Washobora kuvugisha ukuri kw'impamvu yatumye ushaka iyo modoka ko byari ukugira ngo uje ubasha kuza muri gahunda nyinshi z'urusengero? Ni ibintu bingahe ukora mu buzima bwawe ku mpamvu imwe gusa yo kugira ngo ushimishe umwami? Ibaze umusaruro uhagije ushobora gusarura iyo uza kumwegurira ibintu byose uyu munsu! Ukurura ugukora kw'ijuru byoroshye binyuze mu gukora ibintu byose mu izina rikomeye ry'Umwami!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri kimwe cyose nkora nkikora mu izina ry'Umwami wanjye Yesu. Ubuzima bwanjye bwose buzingiye mu gushimisha Imana kandi ndayishimiye cyane ku bwo kumpa ubuzima buri munsu. Nzakoresha ubu buzima mu kumuhesha icyubahiro mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 2:9-11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yesaya 66; Yeremiya 1:1-2:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatandatu, Kanama 23

NTAKIBURA, NTACYANGIRITSE

Abakolosayi 1:13-14

Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda. Ni we waducunguje amaraso ye ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu.

Benshi mu bantu b'Imana barakikoreye imitwaro y'amakosa bakoze mbere yuko bakira Kristo nk'umwami n'umukiza w'ubugingo bwabo. Bishyiraho ibihano by'ibintu bakoze kera. Batekereza ko ingaruka z'ayo makosa zihoraho mu gihe ibi biri kure y'ukuri! Wazanywe mu bwami bw'umwana w'Imana, ahantu nta kintu na kimwe kibura nta n'ikintu cyangiritse kihaba, wabatuwe ku migambi y'umwanzi n'ingoyi ze!

Kristo yazanywe no guhindura ibintu byose mu buzima bwawe akabigira byiza cyane, buri kimwe kitagenda neza nta mahitamo gifite usibye kugendera mu mbaraga Imana yashyize mu buzima bwawe! Ntushobora gutsindwa; waremewe kuba umutsinzi. Ushoke hanze uyu muni usobanukiwe neza ko ahashize hawe ntaho hahuriye n'ahazaza hawe. Wabatuwe ku mwijima wahoze ubamo, Imana ishimwe ku bw'ahashize!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntakintu kibura cyangwa cyangiritse mu buzima bwanjye! Nazanywe mu bwami bw'Imana. Buri munyururu umpuza n'umwanzi muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, uracitse mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yeremiya 2:26-5:19

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Kanama 24

IBINEZEZA BY'AKANYA GATO BYO MURI EGIPUTA

Abaheburayo 11:25-26

Ahubwo agahitamo kurengananywa n'ubwoko bw'Imana, abirutisha kumara umwanya yishimira ibinezeza by'ibyaha, 26kuko yatekereje yuko gutukwa bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubwo Abanyegiputa babitse bwose, kuko yatumbiraga ingororano azagororerwa.

Inkuru ya Mose izwi ku isi hose nk'urugero rwiza kandi rutangaje rw'uburyo Imana ishobora kugaragaza Imbaraga zayo binyuze mu muntu ku bw'icyubahiro cyayo. Icyo abenshi batabona ni ubusobanuro bw'iyi nkuru yo muri Bibiliya, nk'urugero rwiza cyane rugaragaza ko igihe uhisemo guhara ibinezeza by'isi by'agahe gato, Imana yagukoresha mu buryo butangaje ngo ugirire akamaro ubwami bwe. Mbere y'uko Mose ava muri Egiputa, yari umukire afite n'ijambo mu cyari igihugu kinini kandi giteye imbere kurusha ibindi mu isi hose, Egiputa ya Kera!

Usibye n'ibyo byose, Bibiliya ibisobanura nk'ibinezeza by'akanya gato by'icyaha. Ibaze ko ubukire butarimo Imana ari ubusa! Mose yafashe igisebo ku bwa Kristo abirutisha ubutunzi bukomeye nk'Zahabu, almasi, ubwiza bw'inyubako n'imbaraga za Egiputa. Nk'umukristo siga ibinezeza by'akanya gato by'iyi si inyuma yawe ubigurane ingororano zihoraho zo muri Kristo Yesu – ibi ni iby'agaciro kisumbuyeho.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ibinezeza by'akanya gato by'iyi si ntabwo ari yo ntumbero y'ubuzima bwanjye. Ubukire n'icyubahiro ntacyo bivuze niba Imana itabirimo. Rero, ndatura ko uherye none, Ubuzima bwanjye butumbereye cyane ku bwami bw'Imana kurushaho mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yeremiya 5:20-8:22

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Mbere, Kanama 25

MWUMVE IGIHE ARI KUVUGA

Yohana 10:4-5

Iyo amaze kwahura ize zose azijya imbere, intama zikamukurikira kuko zizi ijwi rye.Undi ntizamukurikira, ahubwo zamuhunga kuko zitazi amajwi y'abandi."

Bumwe mu bushobozi ugomba kuba ufite nk'umwana w'Imana ni ubushobozi bwo kubasha kumenya ijwi ry'umunyamahanga n'ijwi ry'umuntu woherejwe n'Imana yo ubwayo mu buzima bwawe! Bibiliya ntabwo isobanura umunyamahanga nk'umuntu utamenyereye;ahubwo Ni umuntu Imana itigeze iteganya ko muzigera muhuza inzira! Gutsindwa kw'amamiliyoni y'abakristo ku isi hose ni uguhora bashaka ibitangaza ngo bihamye iby'umwuka,nyamara ijambo ry'Imana ribivuga neza ko Imana ikoresha ijwi ry'umuntu yakoherejeho mu cyimbo cy'ijwi ry'umunyamahanga ngo ahamye ubuhanuzi buri ku buzima bwawe.

Kumenya ijwi rye biroroshye! Iyo washyizeho umubano wawe n'Imana binyuze mu isengesho no gufata umwanya wo gusabana na yo ,utangira kumenyera ijwi rye cyane kurushaho. Umusaruro ni uko,ntacyo biba bikivuze kumva ijwi ry'umunyamahanga uwo ari we wese;uzagira ububasha bwo kumenya no kurihunga.Iga kugerageza buri kintu cyose ubwiwe, icyo watuweho ndetse nicyo uvuzweho kidahura n'Ijambo ry'Imana ridakosa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi neza ijwi rya Data.Sinzanyeganyezwa n'abo Imana itigeze inyoherezaho. Uhereye uno muni, nzajya ngerageresha buri Jambo ryamvuzweho cyangwa nabwiwe, n'ijambo ry'Imana. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:27

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yeremiya 9-12

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kabiri, Kanama 26

BIREMWE MU BURYO NKUNZE

Abaheburayo 11:3

Kwizera ni ko kutumenyesha yuko isi yaremwe n'ijambo ry'Imana, ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara.

Umurongo w'uyu munsu uri mu bice by'icyanditswe uzwi cyane mu muryango wa Gikristo nyamara benshi ntibabarabasha kumenya byuzuye buri kimwe kibumbatiyemo. Bitwereka akamaro kamwe mu y'ibanze, ukwizera gufite mu kurema ibyo ubona! Ijambo "Bikozwe" riva mu kigiriki, "karatizo" bisobanuye kuzaza cyangwa se gusana cyangwa se kuzahura no guhindura ikintu kikaba kiza cyane kikajya mu buryo bwacyo! Nk'umukristo binyuze mu kwizera, ufite imbaraga zo kongera guhindura imiterere y'ubuzima bwawe binyuze mu mbaraga ziri mu ijambo ry'Imana.

Hari uburyo buri mwana w'Imana aba agomba kubaho, Niba uri kubaho mu buzima buhabanye n'ubwo Imana yateganyirije abayikurikira, tangira ureme isi yawe uburyo ubishakamo! Anga kureba ku bikuzengurutse, wahawe ububasha budahinyuzwa bwo gushyira ku murongo buri kimwe kikuzengurutse uyu munsu. Ni wowe mwubatsi w'ubuzima bwawe, tangira ubuhe ishusho uko ubishaka!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ukwizera kwakoreshejwe mu kurema isanzure kuri mu byo ntunze. Hamwe n'ubu bubasha bwo kongera kurema isi yanyje, ndahanura impinduka zikomeye muri buri kimwe cyose kitari mu murongo w'umugambi w'Imana utunganye ku buzima bwanjye mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 11:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yeremiya 13:1-16:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatatu, Kanama 27

NTA GISENGE KU ITERAMBERE RYANGE

Abafilipi 4:13

Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.

Iyo wafashe ibintu byanditswe mu ijambo ry’Imana ukabishyira mu imbere muri wowe, gutsindwa biba ari icyaha! Ntibishoboka ko wumva uhagijwe no kuguma uri umuntu usanzwe mu gihe uzi ibintu byose imana yaguteganyirije. Kimwe mu bibazo bikomeye bituma abantu bumva ntacyo bibatwaye kuguma mu cyikiro cy’ubuzima kidafite icyerekezo, ni uguhora bashaka impamvu zatumye baba muri icyo cyikiro cy’ubuzima barimo.

Imvugo zivuga ngo “Iyaba uriya muvandimwe yari ampaye amafaranga namuguriye, ntabwo nari kuba ndi muri iki cyikiro” cyangwa ngo” Iyo uriya mugore ataza kunyiba ariya mafaranga ubucuruzi bwange bwari kuba bwarateye imbere.” Mu gihe kuri wowe bisa nk’impamvu yumvikana, uba uri gushyira ubuzima bwawe n’icyubahiro cyawe ku rwego rwo hasi y’amafaranga umuntu agufitiye kandi utabigambiriye! Ibikorwa bibi abandi bakoze ntibigomba gusubiza inyuma iterambere ryawe. Ntiwahora uhindura uburyo abantu bakora ibintu, nyamara wahindura icyo ubikoraho. Isumbabyose iri muri wowe, uruta buri umwe na buri kimwe kiri kugusubiza inyuma.

Imana igufitiye byinshi, nta na kimwe kandi nta numwe ushobora guhagarika iterambere ryawe, yewe nta gisenge kiba ku iterambere ryawe

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umutsinzi icyaba icyo ari cyo cyose! Ntitaye ku mubare w’ibisenge abandi bantu bagerageje kunshyira hejuru; ndacagagura buri kimwe uyu munsu! icyubahiro kibe icy’Imana. Amen

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 1:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Yeremiya 16:10-20:18

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Kane, Kanama 28

NTA MWANYA MUHA

2 Abakorinto 2:11

Kugira ngo Satani atagira icyo adutsindisha kuko tutayobewe imigambi ye.

Bishobora kugutungura kumenya ko ugendeye kuri Bibiliya, Sekibi nta bubasha agufiteho habe na gato! Buri mbaraga bigaragara ko afite mu buzima bwawe, ni uko wamuhaye icyumba cyo kuguhindurira ibitekerezo. Abakristo benshi uyu munsu ntabwo bazi inshuro ku munsu bamuha ububashamu buryo bworoshye yaba mu magambo batura, no kwemera ibintu Imana itigeze ibateganyiriza.

Urugero, ni kangahe wategetse indwara kuva mu mubiri wawe mbere yuko ujya gushaka imiti? Ni kangahe wategetse ubucuruzi bwawe gutera imbere mbere yuko utangira gutura abandi amarira y'imiruhu yawe? Ntureba muvandimwe, iyo uhaye karibu ibitekerezo bya Sekibi ku biri kukubaho uba uri kubangamira igitangaza cyawe. Niba ibintu bitari kuja mu buryo ushaka, atura ijamba ry'Imana ako kanya. Ntugahye Sekibi amahirwe yo kukumvisha ko bitari bukore. Umutwe nutinyuka kugerageza kukurya, aho kugira ngo wirukire mu kabati k'imiti, atura ijamba kuri ubwo buribwe bw'umutwe kandi ukomeze ubyature kugeza igihe bugendeye.

Rimwe mu masomo y'agaciro uzigera wiga ni mu rugendo rwawe na Kristo ni ukudaha Sekibi akanya habe na gato! Tangira none.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze guha Satani umwanya wo gukoreramo mu buzima bwanyje! Yaba ari mu magara anyije, mu muyango wanyije, mu bucuruzi bwanyije, mu myigire anyije cyangwa ahandi aho ari ho hose. Ndatara kandi ndategeka ko buri kimwe kindeba kandi kireba n'ibyanjye kiba kiza cyanemu izina rya Yesu !Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 5:8-9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yeremiya 21-24

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatanu, Kanama 29

UBUNTU BURIYONGERA

Yakobo 4:6

Ariko nubwo bimeze bityo Imana irushaho kutugirira imbabazi ni cyo gituma ivuga iti “Imana irwanya abibone, ariko abicisha bugufi ikabahera ubuntu.”

Nta cyanditswe cyo muri Bibiliya cyemeza yuko amavuta y’Imana yiyongera! Ahubwo ijambo ry’Imana ribigaragaza neza ko wahabwa ubuntu bwisumbuyeho! Reba iyi foto, hari resitora ifite ibiryo bihagije mu bubiko n’abakozi bahagije bashobora gufasha abakiriya 200 ku munsu. Ubucuruzi bwabo bumaze neza kubera ko bakoresha neza ibyo bafite. Ese buriya umunsu umwe haramutse habayeho kuza abakiriya benshi bakaba 1000 ku munsu? Baramutse batongereye ubunini bw’igikoni, ngo bashake abandi bakozi, cyangwa ngo bongere ingano y’ibyo batanga, ubucuruzi bwabo buzahomba bitewe n’igitutu. Ikibazo si umubare w’abakiriya, ahubwo ni ukubura ubushobozi bwo kubakira.

Ni muri ubwo buryo abakristo benshi basaba imigisha myinshi yaba iy’amafaranga, umuhamagaro, imibanire n’abandi, nyamara badafite ubuntu bw’Imana bubishyigikira. Ubuntu bw’Imana ni bwo bwongera ubushobozi, nkuko resitora igomba kwaguka ngo ibashe kwakira abakiriya bashya, natwe dukurira mu buntu ngo tubashe kwakira imigisha yindi myinshi! Bibiliya itubwira ko Kristo yagennye ikigero cy’ubuntu kuri buri Mukristo, nyamara aho siho uba ugomba kuguma, jya juru mu buntu. Ibi ubigezwaho no gukurira mu ijambo ry’Imana. (2 Petero 3:18) hatubwira gukurira mu buntu. Jya mu ijambo ry’Imana cyane ubundi ubone ubuntu bw’Imana bwongera ubushobozi bwawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubushobozi bwanjye buriyongereye binyuze mu buntu bw’Imana! Ndi umutsinzi muri buri kimwe nkora. Hamwe n’ubuntu bw’Imana, niteze ubuzima bubengerana. Sinshobora gutsindwa na rimwe mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 4:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Yeremiya 25-27

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku wa Gatandatu, Kanama 30

KANGURA UMWUKA Wawe

Abaroma 8:26

Uko ni ko n'Umwuka adufasha mu ntege nke zacu kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, ariko Umwuka ubwe ni we udusabira aniha iminiho itavugwa,

Umubiri wawe siwe wowe wa nyawe, ukubereye ubuturo gusa. Uri umwuka kandi nta muntu ubasha kubona uwo muntu w'imbere usibye Imana! Zimwe mu nzira zigufasha gukangura umwuka wawe ni mu mbaraga zo kuvuga mu ndimi! Abakristo benshi bameze nk'abantu bacana imodoka bakayita aho; ese iyo modoka hari ahantu nahamwe yajya? Igisubizo ni hoyo! Ahubwo iyo ucanye moteri y'imodoka ukayisiga yaka gusa udakandagira ku muriro, uba uri kwica bateri yayo gake gake. Ni muri ubwo buryo gukangura umwuka wawe atari ugusenga rimwe gusa ubundi ukajya mu byo wari uri gukora mbere ahubwo urakomeza kugeza igihe bidashidikanywaho ko umwuka wawe wakangutse!

Mu gukangura umwuka wawe, uba uri kurema ikirere aho umuntu w'imbere aba afite ububasha ku mubiri wawe. Uzabasha kumenya ko umwuka wawe noneho wakangutse byuzuye, igihe uzatangira kureba uburyo Imana ireba. Ukareba abandi mu mboni y'urukundo kandi iminyururu ntakindi iba yakora usibye kubohoka mu gihe urukundo rwinjiye muri icyo giteranyo. Uhereye uno munsu, tangira ubigire intego yuko uzajya ugira ibihe byo kuvuga mu ndimi – Ni Muri ibi bihe ubasha gukangura umwuka wawe byuzuye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umubiri wanjye ni igishishwa cy'uwo ndi we wa nyawe. Ndi umwuka ukorera mu rukundo. Uko nsenga mu ndimi nonaha, ndi gukangura umwuka wanjye kandi umusaruro ni uko mpindura isi yanjye ngo ibe nziza cyane mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 18:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yeremiya 28:1-31:20

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Kanama 31

UBUZIMA BWANGE BURATANDUKANYE

1 Yohana 5:13

Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry’Umwana w’Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho.

Ntibibabaje kubona abakristo benshi batigeze bigishwa ko bafite ubugingo buhoraho kandi bikaba ari ukuri kw’ingenzi cyane? Benshi babayeho ubuzima bwabo bwose batazi ko ibi ari uburyo nyakuri bw’itumanaho Imana ikoresha ivugisha abana bayo ,kandi abumvishe ,bemera neza ko bifite ubuzima nyuma y’urupfu. Kubera iki umukristo agomba kubabazwa n’indwara ya kanseri ,kubera iki bapfa bazize uburwayi mu mibiri yabo? Umurongo haruguru utwereka ko Imana yahaye abayizera ubuzima butandukanye,ari bwo bugingo buhoraho. Ubuzima ufite butandukanye cyane nubw’abari mu isi y’umwijima bafite.

Bibiliya itubwira ko niba Umwuka w’iyazuye Yesu uba muri mwe, iyazuye Kristo Yesu izazura n’imibiri yanyu ipfa ku bw’Umwuka wayo uba muri mwe! Uri ikiremwa gishya muri Kristo,ntukemere kubeshywa ngo wizere ko uburwayi n’ibindi bibazo by’umubiri ari bimwe mu bigize imibereho yawe,ubuzima bwawe buratandukanye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima mfite butandukanye n’ubwabo mu isi! Uburwayi nta bubasha bumfiteho! Igihe nakiraga Yesu nk’umwami n’umukiza w’ubugingo bwanjye nahawe ubuzima butandukanye. Uko kuri nkugenderamo none! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yeremiya 31:21-33:26

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nzeri 1

SHHH!

Umubwiriza 5:2

Inzozo zizanwa n'imiraho myinshi, kandi ijwi ry'umupfapfa rimenyekanira ku magambo menshi.

Hari imvugo ivuga ko: “guceceka kudashobora guhimbirwa ikinyoma.” Mu gihe uri kumwe n’abakomeye amagambo agomba kugenzurwa, akaba afite impamvu kandi akaba macye. Abami, abayobozi ndetse n’abari mu nzego z’ubutegetsu baha agaciro kuvuga macye kuko buri jambo riba rifite uburemere. Mu mwuka, nta tandukaniro ririmo. Kuvuga cyane bishobora kumara imbaraga zawe z’umwuka. Bibiliya ituburira ko mu magambo menshi, icyaha kizagaragamo. Abantu bakomeye bakoresha ibihambaye amagambo macye kuko basobanukiwe ko imbaraga zitakarira mu kuvuga. Kugira ngo ugumane ubutware, vuga gusa iby’ingezi kandi bifitiye akamaro abakumva, harimo nawe.

Uyu muni, urinde amagambo yawe nk’iby’agaciro. Ca iminyururu y’amagambo adafite umumaro. Ntugapfe kuvuga cyangwa ngo usubize abakurakaje bese. Nuba uri gusenga cyangwa se uri gukemura ibibazo, jya uvugana intego, wizeye ko amagambo yawe abitse imbaraga z’ubumana. Tekereza mbere yo kuvuga, ubanze uhamye ko amagambo yawe aherekejwe no kwizera. Itoze kwifata, umenye ko guceceka bishobora kugira imbaraga kurenza urusaku.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko amagambo yanjye agezwe, afite intego kandi ashyigikiwe n’ubutware bw’ubumana. Imvugo yanjye isohora imbaraga, ikingura inzugi, kandi izana intsinzi. Nanze gutakaza imbaraga mu biganiro bitari ngombwa. Amagambo yanjye arahamye kandi azana impinduka. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 10:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yeremiya 34-36

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nzeri 2

CA IMINYURURU Y'IBICIRIRITSE

Mariko 7:13

nuko ijambo ry'Imana mukarihindura ubusa kugira ngo mukomeze imigenzo yanyu yababayemo akarande. Kandi hariho n'ibindi byinshi mukora nk'ibyo."

Wabyawe n'Ijambo ritabora, Ijambo ryiza ry'Imana (1 Petero 1:23). Umwuka wo gukora iby'ikirenga uri muri wowe, kandi waremwe mu ishusho y'Imana ihambaye, idahagarikwa. Ariko ubuzima buciriritse bushaka gukuraho iyo kamere y'ubumana, bugatuma ibyo Imana yashyize muri wowe bitagira umumaro. Ubuzima buciriritse bwica bucece, bugahagarika ubushobozi kandi bugatera abantu bakomeye kuguma mu bisanzwe. Imigenzo, guhora mu mwanya umwe no gutekereza hafi bizimya imbaraga z'Ijambo ry'Imana mu buzima bwawe. Iyo wakiriye ubuzima buciriritse, utesha agaciro ubwiza buhebuje ari bwo murage wawe muri Kristo.

Anga kuba uciriritse! Bona ubuzima buciriritse nk'umunyururu ushaka kukugumisha mu bubata bw'ibisanzwe. Buri kintu cyose kikwerekeye, amagambo yawe, ibyifuzo byawe, n'ibitekerezo byawe byaremewe kugaragaza ubwiza buhebuje. Ufite imitekerereze ya Kristo, n'Ijambo ry'Imana rigutegeka kwita ku bintu byiza gusa (Abafilipi 4:8). Agura imbago zawe. Atura, tekereza kandi ukorane ubwiza buhebuje bw'Umuremyi wawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko ntakorana n'ubuzima buciriritse! Umwuka w'ibyiza bihebuje uri muri njye wanze guhagarikwa. Nikuyeho imbibi zose kandi ngendera mu mwuzuro wa kamera y'ubumana y'Imana! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yeremiya 37:1- 41:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nzeri 3

HAGURUKA, UKURURE ABAMI!

Yesaya 60:3

Amahanga azagana umucyo wawe, n'abami bazagusanga ubyukanye kurabagirana.

Umurava usumba gukora cyane; ni ubuhanga, ubushake buhoraho bwo gutumbera ibyiza bihebuje. Ni indangagaciro itandukanya abakivunywa no gushakisha ndetse n'abazamuka ku rwego rwo hejuru. Ijambo ritubwira ko abami, abantu bakomeye bafite ijambo, bazaza kureba guhaguruka kwawe. Ariko kugira ngo ibyo bibe, ugomba kubanza guhaguruka! Kuzamuka kwawe kugukururira abakomeye. Abanebwe, abadahozaho n'abahorana impamvu bahora mu gicucucucu, ariko abanyamurava bahagarara ahitegeye amahirwe.

Uyu ni umwaka wawe wo guhaguruka! Anga guhezwa hasi n'iminyururu y'ubwoba, ubunebwe, gushidikanya n'impamvu. Zamura ubushobozi bwawe, tyaza ubunararibonye bwawe, kandi wubake ubucuruzi bwawe ku rugero ruhambaye. Niba bisaba kwihugura, bishakire umwanya. Niba hakenewe uburyo bushya, bukore. Buri cyose bigusaba kugira ngo uhaguruke, HAGURUKA! Itera ikurikiyeho iragutegeje, kandi izana no kumenyana kw'ubumana, ubutoni, no kugera ku bami!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko nzamutse hejuru y'inzitizi zose! Abami bazasanga umucyo wo guhaguruka kwanjye. Nkorera mu bwenge bw'ubumana, umurava, ndetse n'ubwiza, kandi ubucuruzi bwanjye buteye imbere birenze urugero! Mu Izina rya Yesu, abaguzi barakururwa bagana ubucuruzi bwanjye, bashaka ubuturo bw'umunararibonye bwanjye, ubumenyi ndetse n'ibicuruzwa! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 22:29

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yeremiya 41:11 – 45:5

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nzeri 4

KUSANYA IMBARAGA Zawe

1 Abakorinto 14:4

Uvuga ururimi rutamenyekana ariyungura, ariko uhanura yungura ltorero.

Amashanyarazi agenda mu miyoboro y'ingufu, ikageza izo ngufu mu ngo no mu bucuruzi. Ariko, kugira ngo izo ngufu zigire umumaro, zigomba kuyoborwa, zikenera udukoresho two kuwatsa, insinga ndetse n'imigozi ibasha kuyageza aho acyenewe. Inzu ishobora kuba ifite amashanyarazi, ariko utarayacana, amatara agumya azimije. Ingufu ziba zihari, ariko zigomba guhabwa umuyoboro kugira ngo zitange umusaruro.

Iryo hame rirakurikizwa iyo uri gusenga mu ndimi. Kuvuga mu ndimi bitanga imbaraga z'umwimerere z'umwuka, ariko kugira ngo zigire umumaro, zigomba kuyoborwa. Bibiliya iravuga iti, "teraniriza hamwe ibiri mu mutima wanjye," bisobanuye gukusanya. Ikindi gisobanuro kiravuga ngo, "Umpe umutima udacyemo ibice" ibitekerezo byawe bishobora kujya kure mu gihe uri gusenga, ugatekereza ibyo ugomba gukora, ibiganiri byahise, cyangwa ibirangazi bitandukanye. Ariko nkuko icyo ucanye, umuriro ujya mucyo ucometseho, ugomba kuyoborwa guhanga amaso kwawe kucyo uri gusengerwa. Bona ishusho y'imbaraga zitamba mu mubiri wawe, bikazana gukiri indwara ukeneye. Niba ukeneye intsinzi yihariye, bona icyo gukuta gisenyuka. Niba ari abakiriya, babone batanze umurongo imbere y'ubucuruzi bwawe. Ntigakore imbaraga gusa, ahubwo zohereze aho uzikeneye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko igihe cyose nsenze mu ndimi, imbaraga zirasohoka zikayoborwa muri buri munyururu! Ibitekerezo byanjye biri hamwe, umutima wanjye uteranirije hamwe kandi nta mbaraga ntakaza! Nyobora imbaraga zidasanzwe muri buri cyose kinkikije mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 86:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yeremiya 46-48

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nzeri 5

UBUTUMIRE BW'IMANA

2 Petero 3:9

“Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk’uko bamwe batekereza yuko iritinda. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n’umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana.”

Uburetwa bukomeye umuntu ashobora kubamo ni ukubura icyerekezo udafite agakiza. icyaha kigira abantu imbata, kikabahumisha k’ukuri bakabaho bategereje kurimbuka. Ariko, icyifuzo gikomeye cy’Imana ni uko ubaho mu mudendeko, ukaba mu muryango, kandi ukabana na yo by’iteka ryose. Bibiliya iravuga iti, “ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.” (Abaroma 5:8). Ibi bisobanuye ko buri kimwe cyose cyo kukunga n’Imana cyamaze gukorwa. Igisigaye cyonyine ni ukubyzera.

Ntiwemerere ikintu na kimwe kukubura gufata icyemezo gikomeye cy’ubuzima bwawe. Anga kuba imbata! Unuryango w’agakiza uruguruye, kandi Yesu ubwe araguhamagara. Sengana iri sengesho ukwizera:

IJAMBO RYA GIHANUZI

O mwami Imana, nje iwawe mu izina rya Yesu Kristo. Nizeye n’umutima wanjye wose muri Yesu Kristo, umwana w’Imana nzima. Nizeye ko yampfiriye kandi Imana ikamuzura mu bapfuye. Nizeye ko ari muzima uyu muni. Ndatuza akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari umwami w’ubuzima bwanjye guhera uyu muni. Muri we no mu izina rye, mfite ubugingo buhoraho; mvutse ubwa kabiri. Urakoze mwami, gucungura ubugingo bwanjye! Ubu ndi umwana w’Imana. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 3:16-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yeremiya 49:1-51:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nzeri 6

NTIBIZONGERA UKUNDI

Yohana 8:36

Nuko Umwana nababātūra, muzaba mubātūwe by’ukuri.

Imvugo ya “ntibizongera ukundi!” Ifite agaciro gakomeye mu mateka y’abayahudi. Igihe bari bamaze guhura n’amarorerwa ya Jenocide yakorewe Abayahudi, Abayahudi bavuze ko ubu bugome n’ubwicanyi butazongera kubaho ukundi. Ntibyari imvugo gusa, yari indahiro, icyemezo cyo kugira ubwigenge. Ibi nibyo natwe tugomba kwatura igihe iminyururu icitse mu buzima bwacu.

Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, benshi barabohowe, babohowe uburwayi, babohowe ibibazo by’ubukungu, babohowe umubano mubi, babohorwa ubwoba n’ubugome. Ariko guhabwa ubwigenge si umuhango gusa; ni imyumvire. Ugomba kwatura uti: Sinzongera gukena ukundi! Indwara ntizizongera kuba mu mubiri wanjye! Sinzongera ukundi kuba imbata y’ubwoba, kwangwa, no gutsindwa! Gira iki cyanditswe icyawe, “ntabwo umubabaro uzakagaruka ubwa kabiri.”(Nahumu 1:9). Anga kubohwa ukundi n’ingoyi iyo ari yo yose. Iminyururu yawe iracitse. Ubu ubwo ubohowe, guma mu mudendezo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura amavuta yo “KUTAZONGERA UKUNDI” ku buzima bwanjye! Sinzongera ukundi kuba imbata y’ubwoba, indwara, ubukene, n’ubucuti bubi. Iminyururu yanjye iracitse, sinzasubira mu buretwa. Ibyago ntibazahaguruka ukundi mu buzima bwanjye! Ngendera mu mudendezo wuzuye, kuko uwo Umwana abatuye, aba abatuwe by’ukuri! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 5:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yeremiya 51:11-52:34

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nzeri 7

YOBORA UBUZIMA BWawe UKORESHEJE AMAGAMBO Yawe

Yakobo 3:4

“Kandi dore n’inkuge nubwo zaba ari nini zite, zikagendeshwa n’umuyaga uhuha cyane, ingashya ntoya cyane ni yo izerekeza aho umwerekeza ashaka.”

Ubwato bunini cyane, uko bwaba bukomeye kose, imiyaga n’imihengeri ibugiraho ingaruka uretse iyo buyobowe n’umuyobozi wabwo. Kiriya cyuma gito cyangwa se urubaho ni cyo kigena ko ubwato buri bushyike aho bugiye cyangwa se bugata icyerekezo. Ururimi rwawe nirwo muyobozi wawe! Hamwe narwo, uca mu nzira y’ubuzima bwawe. Amagambo yawe aguha icyerekezo. Nk’uko Imana yavuze isi ikabaho, amagambo yawe, iyo uyavuganye kwizera, atwara imbaraga zo kurema ahazaza hawe.

Niba ushaka intsinzi, yature. Niba ushaka gukira indwara, byature. Niba ushaka ubutunzi, buhamagare. Amagambo yawe si ay’ubusa; ni imbaraga z’umwuka zikuyobora mu hazaza. Anga kwatura ubwoba, ubukene, no gutsindwa. Ahubwo, ba umutware w’ibyo unyuramo uha umurongo amagambo yawe ngo ahure n’Ijambo ry’Imana. Uko ni ko urema ahazaza hatarimo iminyururu, uca mu buzima bwawe uhamye kandi wizeye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko; ururimi rwanjye ari umuyobozi ukomeye, uyobora ubuzima bwanjye ku ntsinzi! Ndatura gukira kw’indwara, no gutsinda mu nzira yanjye. Nta muhengeri wankura mu nzira yanjye, kuko amagambo yanjye ari mu murongo w’Ijambo ry’Imana. Ahazaza hanjye hahawe umugisha, hararinzwe, kandi huzuyemo igikundiro cy’Imana! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 11:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Amaganya 1:1-3:51

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nzeri 8

UMUTEGO W'IKIGANZA GIFUNZE

2 Abakorinto 9:6

“Ariko ndavuga ibi ngo “Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi.””

Abahigi mu bice bimwe na bimwe by'isi bakoresha uburyo bworoshye ariko butanga umusaruro bwo gufata inkende. Bashyira ikiribwa mu giseke bagasigamo umwobo ubasha gucamo akaboko k'inkende. Iyo inkende ifashe icyo kiribwa, ikiganza cyayo gifunze kinanirwa gusokamo. Gusohokamo bisaba ko irekura ibyo ifashe, ariko inkende yanga kibirekure, ikagwa mu mutego wo kwanga kurekure ibiri mu biganza byayo. Abakristo benshi babayeho muri ubwo buryo, bacigatira ibyo bafite, bafite ubwoba bwo kubirekura.

Bibiliya itugaragariza neza ko ikiganza cy'Imana gifungukiye kuduha imigisha (Zaburi 145:16). Kuko turemye mu ishusho yayo, natwe tugomba kwiga gufungura ibiganza. Kugira ubuntu nirwo rufunguzo rugeza ku mwuzuro. Uko dutanga byinshi, niko turema umwanya munini wo kujyamo ibindi Imana iduha. Hunga umutego w'ubusambo! Izera ko utanga utizigama, ujya mu murongo wo Guhabwa n'Ijuru, bikagutandukanya n'ubukene maze bikakuzanira imigisha itagereranywa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatura ko: Ntanga n'umutima mwiza, kandi ibiganza byanyje bifungukiye gutanga ndetse no kwakira! Mvuye mu mutego w'ubusambo kandi ninjiye mu mwuzuro udasanze. Uko mbiba mbikuye ku mutima, nsarura byuzuye, ubuzima bwanjye butembamo imigisha y'Imana!

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 11:24-25

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Amaganya 3:52-5:22; Ezekiyeli 1-2

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nzeri 9

UBUZIMA BWIMBITSE BURAKOMEJE

2 Abakorinto 5:21

kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana.”

Igihe numvaga ijwi ry’Imana neza mu myaka yashize ko twinjiye mu gihe cy’ubuzima bwimbitse, byari bifite igisubizo kimwe. Ntiwatangira kujyana n’Imana byimbitse maze ngo usubire inyuma. Uko ujya byimbitse muri Yo, niko ugenda ubona uko uyikeneye cyane. Utagize kubaha Imana, ntuzasobanukirwa icyo kwera ari cyo. Kugeza igihe amahame yo gutinya Imana azaba ubuzima bwawe, kwera kwa Kristo ntikuzagaragara byuzuye mu buzima bwawe.

Niba ushaka kubona ubuntu by’Imana, ibitangaza, imirimo n’ibimenyetso byisumbuyeho, itegure kujya byimbitse mu buzima bwawe bwo gusenga, kwiga Ijambo no gusabana n’Imana. Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, ibirangaza bishobora kugukurura, ariko ntuzibagirwe gushaka Utanga byose, Yesu Kristo! Reka inzara umushonjeye isumbe uko ushaka iby’isi, kandi uzabaho ubuzima burimo ukubaho kwayo n’urukundo bihora byiyongera.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nakuwe mu mwijima ngo mbe inyenyeri imurikira isi. Mbaho ubuzima bwihaye Imana kandi sinzafata ukubaho kwayo cyangwa iby’Imana nk’ibisanzwe. Ibyanjye byose biri muri Yesu! Amen.

IBIND BYANDITSWE

1 Petero 2:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Ezekiyeli 3-8

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nzeri 10

ITURO RYANZWE

Itangiriro 4:5

Maze ntiyita kuri Kayini n'ituro rye. Kayini ararakara cyane, aragagaza umubabaro.

Ijambo ry'igiheburayo rikoreshwa mu cyanditswe ryo “kwita” ni shâ’âh, risobanuye guha agaciro. Bivuze ko ugenzura kandi ugaha agaciro. Ibyanditswe bitubwira ko Imana ititaye ku ituro rya Kayini, mu yandi magambo, ryaranzwe. Iri ni isomo rikomeye ku Bakristo bose: ntabwo ari buri turo ryose ryakirwa.

Ituro rya Kayini ryagaragaza agaciro aha ubusabane bwe n’Imana. Uko wubaha, ukanashyira hejuru umuremyi wawe bigaragarira mu gutanga kwawe. Abakristo benshi baha Imana ibyo bumva bashaka cyangwa se bakayihira ibyasagutse, bakayifata nkaho yifuza cyane ibyo bayizaniye. Iri ni ikosa! Ugutanga kwawe kugaragaza umutima wawe, ni ifoto yo kwizera kwawe, kandi ni ikigero cy’uko wubaha Imana. Jya witondera uko utanga. Jya ubikorana ubushishozi, umunezero, no kwizera, ubikora ibyawwe byose. Uyu ni Umwaka wawe wo Guca Iminyururu. Tanga nkuzi ko intsinsi ye ihari!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntanga bihebuje mu bwami bw’Imana. Gutanga kwanjye gusunikira ijuru gukorana umurava ku bwanjye. Singundira! Uko ntanga, nziko Imana inkubira imbuto nabibye ikazinzanira zabaye ijana. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 3:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ezekiyeli 9-12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nzeri 11

UBUPFUMU BWERUYE

Kuva 7:12

Umntu wese muri bo ajugunya inkoni ye hasi ziba inzoka, maze inkoni ya Aroni imira izabo.

Mu myaka yashije, nkiri muto, umurozi yigeze gutumirwa ku ishuri ryacu mu gitaramo. Ikigo cyose cyari cyateranye gifite amatsiko yo kubona ubufindo ari bukore. Maze, bitunguranye, ahamagara mushiki wanjye mu bandi maze amukoreraho ubufindo aho yagaragaye areremba hagati mu kirere. Uwo mupfumu kandi yanyujije uruziga runini hejuru ye ngo “ahamye” ko nta migozi iri kumukurura.

Nyuma y’igitaramo, twabajije mushiki wanjye uko yiyumvaga. Yaduhishuriye ko ibiganza bye byari biziritswe n’imigozi itagaragara, yamugumishaga mu kirere, imigozi itagaragarira amaso asanzwe! Uwo mupfumu yari yakoresheje imbaraga z’abadayimoni ngo ayobye imbaga mu kwizera ko we afite imbaraga zo gutuma abantu bareremba mu kirere.

Sobanukirwa ko ibikorwa by’abadayimoni bishobora kukugiraho ingaruka zikomeye iyo ukoranye nazo. Ariko ndategeka ko buri munyururu wose uboshye amafaranga yawe, gutera imbere kwawe n’ahazaza hawe uciwe n’umuriro. Uyu ni Umwaka wawe wo Guca Iminyururu, amafaranga yawe ari hano aka kanya! Yafate!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi uca iminyururu nkanarenga imbibi! Nta binyoma by’abadayimoni bizategeka ubuzima bwanjye cyangwa se umuryango wanjye. Ndabohotse koko, mu Izina rya Yesu. Imana ihabwe icyubahiro! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n’intumwa 13:8-10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ezekiyeli 13:1-16:43

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nzeri 12

UKURI KO KUZA KWA KRISTO

Matayo 24:31

Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo.

Biroroshye kwibagirwa ko turi kuba mu gihe cyanyuma cy'ubuntu, icyanyuma na nyuma. Ijambo ryo mu kigiriki rya eschatos, rifite inkomoko kuri “eschatology” (ubumenyi bw'ibihe bya nyuma), burabishimangira ko kugaruka kwa Kristo kwegereje! Ariko bamwe mu Bakristo bizera Bibiliya, bavuga mu ndimi, buzuye umwuka barabanganirwa iyo iyi ngingo izamuwe. Muri bo, baratekereza bati, Mwami, twongerere igihe! Bashaka gushyingirwa, bakabyara abana, bagatembera, bakanagera ku ntego zabo. Ariko ujye wibuka ko, ibyo byabayeho no mu gihe cya Nowa, abantu bararyaga, bakanywa, bagashyingirwa, kugeza igihe umwuzure waziye!

Imana ntiyategereje. Igihe cyagenwe kigeze, inkuge yarafunzwe, umwuzure ukwira ku isi. Muri ubwo buryo, umunsi wo kuza kwa Kristo uzaza nk'umujura mu ijoro. Ariko, ku Mukristo, ntibizamutungura. Ntitori mu mwijima! Tugomba guhora twiteguye buri gihe, turi maso dutegereje Umwami wacu uje vuba.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Niteguye kuza kwa Kristo! Kugaruka kw'Umwami wanjye kuzaba ari umunsi uhebuje kuri nyje. Nzajyana n'indenge ya mbere mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyahishuwe 11:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Ezekiyeli 16:44-20:17

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nzeri 13

ISOKO

Ibyakozwe n'Intumwa 16:19

Ba shebuja babonye yuko nta ndamu bakimutezeho, bafata Pawulo na Sila barabakurubana babajyana no mu iguriro ku batware.

Inkuru ya Pawulo na Sila n'iy'ibyago n'intsinzi, ubutwari mu bigoye. Batawe muri yombi, ariko aho kugira ngo babajyane mu rukiko babajyanye mu isoko! Sihari ahantu ho kuburanira, yari ahantu h'ubucuruzi. Ibi byerekana iki? Satani ashaka kugurisha ubugingo! Imikorere y'umwanzi ni ugushyira abantu muri cyamunara ngo bagurwe n'abadayimoni.

Ariko si wowe! Ntukirengagize amayeri ye. Ufite ubushobozi bw'umunyamategeko bwo gutegeka buri mugambi wose wa Satani n'abambari be. Fata ubutware hejuru y'uburiganya bw'abadayimoni bushaka kugurana amahoro yawe, amagara yawe n'intsinzi bakabugurana gutsindwa. Atura ushize amanga ko utazatsindwa! Koresha ubutware bwawe hejuru y'ubwo burwayi buhoraho, uwo mwuka y'uburakari urwanya urushako rwawe, no kuguma mu mwanya umwe kose kuri mu buzima bwawe. Uyu ni Umwaka wawe wo Guca Iminyururu, anga gucuruzwa mu isoko rya Satani!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kuba igicuruzwa cy'abadayimoni! Nambitswe imbaraga ziva mu ijuru, kandi ngendera mu butsinzi. Sinzagwa mu mutego w'amayeri y'umwanzi, muri uyu mwaka n'ikindi gihe! Imana ihabwe icyubahiro! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'Intumwa 25:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezekeyeli 20:18-22:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nzeri 14

NDABOHOWE

Mariko 5:4

kuko kenshi bamubohesheje ingoyi y'amaguru n'iminyururu y'amaboko, maze ingoyi akayicagagura n'iminyururu akayivunagura, ntihagira umuntu ubasha kumuhosha.

Umuntu wari urimo abadayimoni muri iki cyanditswe yari aziritswe n'abagabo bafite imbaraga bashakaga kumufata, ariko yarabacikaga buri gihe! Nta mbaraga z'abantu zari kumushobora kuko hari imbaraga z'umwuka zamukoresheje zikanayobora ibikorwa bye. Ibyo ari bamukikije batamenye nuko icyo kitari ikibazo cyo mu mutwe cyangwa icyo mu mubiri, ahubwo yari arimo abadayimoni.

Mu murongo wa 5, Yesu yagiranye ikiganiro nicyari kiri muri uwo muntu, byagaragaje ko yari arimwo n'abadayimoni benshi, si umwe cyangwa babiri, ni ibihumbi! Nta kintu kibi kiba mu buzima gisanzwe, byose bikorwa n'umwanzi. Satani akorera ahatagaragara, agakoreshe abantu n'ibihe. Numuha umwanya, azaguha icyerekezo! Anga kubohwa! Ni igihe cyo kuzamuka hejuru y'ibimenyerewe maze ukibira buri muni mu Ijambo ry'Imana ngo rikuyobore, riguhe icyerekezo. Uko ubikora, uzatangazwa nuko uzazamuka hejuru cyane muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Si ndi umukandida wo kwinjirwamo n'amadayimoni! Umubiri wanjye ni urusengeru ry'Umwuka Wera. Ntandukanyijwe n'imbaraga zose mbi, kuko naremewe kuyobora no kuba umutware mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Luka 8:29

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezekiyeli 22:13-24:27

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nzeri 15

YESU, UMUGANGA WAWU

Kuwa 15:26

Arababwira ati “Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza mu zo nateje Abanyegiputa, kuko ari jye Uwiteka ugukiza indwara.

Mu giheburayo ijamba risobanura “gukiza” ni Rapha, bisobanuye kandi umuti. Ibi bisobanuye ko Imana ivuga iti, “Ndi Imana, umuganga wawe.” Mbega ukuntu ari byiza kugira Umuremyi w’isi nk’umuganga wawe w’umwihariko! Si nk’abaganga b’abantu, bihugura mu bice bitandukanye, bamwe bavura amagufwa, abandi umutima cyangwa uruhu, Muganga Yesu we ni inzobere muri byose!

Yarakuremye kandi azi buri kimwe cyose kikwerekeye, mo imbere ndetse no ku mubiri. Ntabwo avura ibimenyetso gusa; arasubiranya, agahindura mushya akongera akarema! Nubwo igice cy’umubiri cyaba kidahari cyangwa se cyarangiritse birenze, ishobora kugihindura bidasabye ko ubagwa cyangwa ngo ubabare. Nta gikomeye imbere yayo, nta ndwara irenze imbaraga zayo. Gukira kwawe kurashinganye! Yesu arashaka kandi ashoboye kugukiza aka kanya, atari ejo, atari mu cyumweru gitaha, ahubwo NONAHA!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mba mu buzima bw’ubumana. Uburwayi n’indwara ntibifite umwanya mu mubiri wanjye. Mba mu kubaho kw’umuganga ukomeye, kandi ubuzima bwanjye burangwa n’umwuzuro n’intsinzi uyu munsu na buri gihe, mu Izina rya Yesu! Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 103:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Ezekiel 25:1-28:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nzeri 16

HANGARA IBIGUHANGARA

Matayo 4:1

Maze Yesu ajoyanwa n'Umwuka mu butayu kugeragezwa n'umwanzi.

Yesu yayobowe n'umwuka mu butayu kugira ngo ahure na Satani ubwe, atari umudayimoni muto, ahubwo Satani! Umwanzi yagabye ibitero bye bikomeye, arasa amasasu y'umuriro yose kuri Yesu, k'Uwamuremye! Ariko itegereze ikintu kidasanzwe, Yesu ntiyamuhakanyije cyangwa ngo amushyire hasi amwibutsa ko ari we wamuremye. Ahubwo, yamusubirishije Ijambo ry'Imana!

Iyo Satani yamugeragezaga buri gihe, Yesu yarasubizaga ngo, "haranditse!" Yaryamishaga Ijambo ryahozeho. Ibi bigaragaza imbaraga zidasanzwe ziri mu Ijambo ryanditswe, Logos y'Imana. Niba Yesu ubwe yarahangaye Satani akoreshe ibyanditswe, ese twebwetugomba kubikoresha bingana ute? Buri gitero cy'umwanzi gifite aho cyabaye mu Ijambo ry'Imana! Rikoreshe buri muni mu rushako rwawe, amafaranga yawe, amagara yawe maze urebe umwanzi ahunga yatsinzwe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nibiye mu Ijambo ry'Imana! Sinaba inkomere y'ibitero by'umwanzi. Ijambo ry'Imana ni intwari yanyje, ni uburinzi bwanyje kandi ni intsinzi yanyje. Buri mwambi w'umuriro wose w'umwanzi uzangwa hasi ucikemo ibice. Imana ihabwe icyubahiro! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Luka 4:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezekiyeli 28:11-31:18

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nzeri 17

ESE WAGERAGEJE YESU?

Matayo 9:20

“Nuko hari umugore uri mu mugongo wari abimaranye imyaka cumi n’ibiri, amaturuka inyuma akora ku nshunda z’umwenda we,”

Mu myaka cumi n’ibiri, uyu mugore yagerageje ibintu byose, guhera ku baganga kugeza ku nzobere, ariko ikibazo cye nticyahinduka. Byongeyeho kandi, amafaranga ye yari amaze gushira, ibyiringiro bye byagendaga biyoyoka uko yageragezaga. Nta yandi mahitamo yari asigaranye.

Ariko muri uwo mwanya, yumva bavuga Yesu! Ukwizera kwe kwazamukaga uko yanyuraga mu mbaga, yatura mu mutima we ati: “ninkora ku bishura bye gusa, ndakira!” Ntawamurambitseho ibiganza. Yakiriye gukira kwe mu kwizera! Umuhuro umwe gusa n’Umwami yahinduye inkuru ye yose.

Ese wowe byagenda gute? Uri kureba ahandi hose uretse kuri Yesu? Ese ni we mahitamo yawe ya mbere cyangwa ni we gisubuzo cyawe cyanyuma? Muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu, umuhuro umwe gusa na Yesu uzaca iminyururu yose iri mu buzima bwawe! Utitaye kubyo uri kunyuramo, waba ukeneye gukira indwara, kubohoka, cyangwa se gutsinda, uzahamya!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Navutse ku Mana! Indwara n’ubukene byajyanywe kure yanjye. Mbaho mu buzima bw’ubumana, nkikijwe n’uburinzi bw’abamarayika, ubuzima bwanjye ni ubuhamya bw’imbaraga z’Imana. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Malaki 4:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ezekiyeli 32:1-34:24

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nzeri 18

SENGA KANDI UHIMBAZE UTITAYE KU BIRI KUBA

Ibyakozwe n'Intumwa 16:23

“Bamaze kubakubita inkoni nyinshi babashyira mu nzu y'imbohe, bategeka umurinzi kubarinda cyane.”

Pawulo na Sila baraboshye, barakubiswe, baranafungwa, ariko igisubizo cyabo nticyabaye kwiheba, umunabi cyangwa se uburakari ahubwo cyabaye isengesho no guhimbaza Umwami w'abami! Tekereza kuba bari muri gereza mbi yijimye bafite ibisebe, ariko bagahitamo kuramya aho kugira ngo binubire ibiri kubabaho. Mbega kwerekana kwizera no kwiringira Imana gukomeye!

Uko basengaga bakanahimbaza, ijuru ryarabasubije! Umurongo wa 26 ugaragaza ko habayeho umutingito ukomeye wanyeganyeye inzu y'imbohe, uca buri munyururu unafungura inzugi zose. Izi ni imbaraga zo guhimbaza! Imana ntiribanura ku butoni. Iyo amasengesho n'amashimwe azamutse ku Mana, haba hagomba kubaho igisubizo kihuse kivuye mu Ijuru, Imana iratabara. Iyo uzamuye ijwi uramya, Imana iragukorera.

Ibyo Imana yakoreye intumwa Pawulo na Sila, yabigukorera nawe mu gihe uhanze amaso kuri yo. Utitaye kubyo uri kunyuramo bimeze nka gereza, ubukungu buboshye, indwara, gutinda kubona ibyawwe n'ibigusubiza inyuma, ntuzahagarike gusenga! Ntuzahagarike guhimbaza! Ijuru rirakumva, kandi intsinzi yawe iri hafi kurusha uko ubitekereza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amasengesho yanjye azamuka nk'umubavu uhumura neza imbere y'Ishoborabyose! Amashimwe yanjye arangurura mu nkuta z'Ijuru, bigatera Ijuru kunkorera amanywa n'ijoro. Ndi umuramyi, kandi intsinzi yanjye ntishidikanywaho mu Izina rya Yesu! Imana ihabwe icyubahiro! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 11:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezekiyeli 34:25-38:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nzeri 19

NI UMWANZI WATSINZWE

Abakolosayi 2:15

Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibi vuga hejuru ku bw'umusaraba.

Biratangaje cyane kumva Abakristo bavuga ko bari kurwanya Satani. Soma ibyanditswe witonze, Satani ni umwanzi watsinzwe! Yesu yamwambuye intwari, amwambura ubutware bwose, maze amuhindura akabarore. Yaramwikunkumuye, nko kujugunya urupapuro ku muhanda. Yesu yarazutse, satani yaraguye!

Bibiliya ivuga ko wicaranye na Kristo mu Ijuru, nturi kurwana ku ruhande rwe. Yamaze gutsinda urugamba! Yesu ntiyatsinze Satani gusa; yamutsindiye mu kibanza cye, ikuzimu ubwaho!

Ubutware bwawe muri Kristo ugomba kubukoresha muri buri kibi cyose cyakubaho. Wikwemerera Satani kukongorera ibinyoma bigutera ubwoba, bikubwira uburwayi no gutsindwa mu buzima bwawe. Ntabwo ugomba kurwanya umwanzi watsinzwe. Mwirukane! Murwanye na we azaguhunga!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntegekana na Kristo mu butsinzi! Mvuga, ngenda kandi nkorana ubutware bw'ubumana. Nta mubi, nta mbaraga, nta kurwanywa kose kwampangara! Ndi umutsinzi no kurushaho mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:38-39

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ezekeyeli 38:10-40:49

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nzeri 20

REKA IMANA IVUGE

Yeremiya 1:9

Uwiteka aherako arambura ukuboko kwe ankora ku munwa, maze Uwiteka arambwira ati “Nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe.

Mu minsi ya kera, Imana yavuganye na Aburahamu, Mose, Yosua, Dawidi, Yesaya, Samweli n’abandi benshi. Aba bari abagabo, abanyarumuri mu mwuka, bagendanye n’Imana, bakumva ijwi ryayo, kandi bakumvira amategeko yayo maze bahabwa umugisha ibihe byose. Bahaga Imana ibyifuzo byabo mu isengesho maze bagategereza ko ibabwira ibyemezo byayo bijyanye n’imiryango yayo, ubucuruzi bwabo, ubuzima bwabo bwite ndetse n’imirimo yabo. Ubuzima bwabo bwabaye ubuhamya bw’uko bigenda iyo wemereye ijwi ryayo kurangurura mu buzima bwawe!

Abakristo benshi uyu muni bavugisha Imana ariko ntibahagarare ngo bumve. Bazana kwiganyira, ibyifuzo byabo n’ibyo bashaka imbere yayo, ariko ntibahagarare umwanya muto ngo bumve igisubizo cyayo. Isengesho si umuntu umwe uvuga, ni ikiganiro cy’abantu babiri. Uyu muni, itoze gutega amatwi Imana, kuko iravuga iti “Nimuze tujye inama” (Yesaya 1:18). Ibi bivuze ko ishaka kuganira nawe. Rero, ganira n’Imana uyitege amatwi muri uyu Mwaka wo Guca Iminyururu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Data, uri Imana yanjye n’umwami wanjye, kandi mpagaze niteguye kumva amategeko yawe. Ntegeye amatwi ijwi ryawe! Mvugisha, nyobora, kandi unkoresha kubw’icyubahiro cyawe. Nshekesheje buri kimwe cyose kindangaza, nteze ugutwi imiyiboro y’ijuru. Nteze amatwi! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Kuva 7:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ezekiyeli 41-43

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nzeri 21

NI IKI WAVUZE?

Yakobo 3:2

kuko twese ducumura muri byinshi. Umuntu wese udacumura mu byo avuga aba ari umuntu utunganye rwose, yabasha no gutegeka umubiri we wose.

Abakristo benshi bajya bibaza impamvu ibintu bitagenda neza mu buzima bwabo nubwo bitanga cyane mu rusengero. Rimwe na rimwe, ni ukubera kamere y'amagambo yabo. Bavuga amagambo batitayeho, adafite umumaro; ururimi rwabo ntirwemera ubuyobozi bwa Mwuka Wera.

Gukura kwawe mu mwuka nk'umukristo kubarirwa mu magambo yawe. Mu kiganiro gito nshobora kumenya niba umuntu ari gukura mu mwuka cyangwa se atari gukura, byose biri mu magambo yawe. Ijambo ry'Imana rigutegeka kugenzura amagambo yawe no kugerageza gufata ururimi rwawe. Ni inshingano zawe. Ntibihagije gusa kuvuga uti, "O, Mana, fata ururimi rwanjye." Oya umuha ururimi rwawe iyo ukurikiza amabwiriza yayo y'uko ugomba gukoresha amagambo. Mbere yuko uvuga ikintu, banza utekereze ingaruka zacyo ku mwuka wawe, amagara, ubucuruzi, uwo mwashakanye, ku bana bawe n'ibindi.

Haranira kuba intungane mubyo ukora byose, byose bitangirana n'ururimi rwawe. Uzatangazwa n'imigozi yose bishobora guca!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ururimi rwanjye ni nk'ikaramu y'umwanditsi witeguye. Nkoresheje amagambo akomeye nk'intwari, ndema umunsi uhebuje uyu munsi. Ndatura intsinzi, amahoro, ununezero, n'ubuhamya buhambaye mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 21:23; 1 Petero 3:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Ezekiyeli 44-47

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nzeri 22

UTWARA UBWIZA

Abakolosayi 1:27

abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.

Mbere yuko tuza kuri Kristo Bibiliya isobanura uko twari tumeze mu gitabo cy'Abaroma 3:23; “kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana.” Twese twariho umuvumo watumaga tugerwaho n'ibintu bibi byose mu isi. Ariko ubu wavutse ubwa kabiri, wahawe ubwiza; ibyo bivuze ko wazanywe mu buzima bwiza, bw'ikirenga, bw'intsinzi n'ubutunzi.

Mu busitani bwa Edeni, Adamu yabaga mu kubaho kw'Imana. Uko kubaho kwari ubwiza bw'Imana. Ubu ufite ibyiza birushijeho; ukubaho kw'Imana ntabwo kugukikije gusa ahubwo cyangwa ngo kube hamwe nawe, ahubwo kuri MURI wowe: “Kristo muri wowe, ni ibyiringiro by'ubwiza.” Ukubaho kw'Imana sikukiri ijwi rigendagenda mu mafu y'umunsi gusa, ukubaho kwayo kuri muri wowe ubu! Utwara ubwiza, haleluya!

Ukoresheje iri Jambo, ita ku bwiza buri mo imbere, ugaragaze ubuhangange n'ubutungane bwa So uri mu Ijuru. Imana ntirwaye rero nawe nturwaye, Imana ntijya ikena bityo nawe ntugomba gukena, ntijya igira agahinda gakabije, nawe ntugomba kukagira.

Utwara ubwiza; reka bugaragare mu buzima bwawe nonaha!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntwara ubwiza bw'Imana. Ubwiza, intsinzi n'ubutunzi byose ni ibyanjye ngo mbinezerezwemo, kandi ineza yanjye izamenywa na bese mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 60:1-3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Ezekiyeli 48, Daniyeli 1:1-2:30

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nzeri 23

IGIHAMYA

1 Yohana 5:14

“Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva icyo dusabye ikintu nk’uko ashaka,”

Sibitangaje kumenya ko ushobora gusaba Data ikintu cyose ushize amanga mu Izina rya Yesu kandi ugahabwa igisubizo? Reba ibyo Umwami Yesu yavuze muri (Yohana 16:23), “Uwo muni nta cyo muzambaza. Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha.” Aha, Yabereste ihishurirwa rishya; uburyo bushya bwo gusaba, ababwira iby’umunsi mushya uzaza aho bazasaba ibyo bashaka byose Imana Data ubwabo.

Iyi ni yo Nkuru Nziza; tu ryo kuba muri uwo muni Umwami Yesu yavuzeho ubu ngubu! Icyo ukeneye gukora kugira ngo Imana ikumve kandi isubize amasengesho yawe ni ugusaba ushize amanga mu Izina rya Yesu. Ibi ni ugusaba bigendanye n’ubushake bwayo, kandi ibi biguhamiriza ko ikumva!

Data ashaka cyane kukumva no kugusubiza kurusha uko wowe ushaka kuyisaba. Rero, gira gushira amanga usabe ibyo ushaka, mu Izina rya Yesu: “Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa.” (Yohana 15:7).

IJAMBO RYA GIHANUZI

Igisubizo cy’amasengesho yanjye kirashinganye kandi ntakizahagarara mu nzira yanjye. Buri kimwe cyose natwaza uyu muni mu Izina rya Yesu kirasinye, gishyizweho ikimenyetso kandi kingezeho. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Daniyeli 2:31-4:27

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Nzeri 24

IHAME RY'INDORERWAMO

Yakobo 1:25

Ariko uwitegereza mu mategeko atunganye rwose atera umudendezo, agakomeza kugira umwete wayo, atari uwumva gusa akibagirwa ahubwo ari uyumvira, ni we uzahabwa umugisha mu byo akora.

Ijambo ry'Imana niryo ndorerwamo yayo. Bibiliya ivuga ko buri wese wumvise Ijambo ntarishyire mu bikorwa ameze nk'umuntu wireba mu ndorerwamo, yahindukira gato akibagirwa uko yasaga (Yakobo 1:23-24). Mu yandi magambo, Imana yiteze ko wumva Ijambo ryayo, ugakora icyo rivuga. Ikibazo ni, ni gute umuntu ashya Ijambo mu bikorwa?

Ushyira Ijambo mu bikorwa wibona nk'uko Imana ikubona mu Ijambo ryayo maze ukabikurikiza. Urugero, mu Ijambo, indorerwamo y'Imana, ivuga ko, wakize indwara, iyo niyo shusho y'Imana kuri wowe. Bona iyo shusho yawe mu buzima buzira umuze maze uyigire iyawe. Genda nkaho ari ukuri; kuko ni ukuri. Niba indorerwamo y'Ijambo ivuga ko ubutunzi ari ubwawe, fata iryo jambo maze urushyire mu bikorwa mu kwizera. Rekeraho kuvuga ururimi rw'ubukene. Komeza kureba mu ndorerwamo y'Imana, komeza kwiga no kumva Ijambo ry'Imana. Uko ubikora, uzagenda usa nk'ubwiza ubona mu Ijambo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uhereye uyu muni, indorerwamo y'Imana niyo nzarebamo buri muni atari ibimbaho binzengurutse. Nkora kandi nshyira mu bikorwa ibyo indorerwamo y'Imana imvugaho. Urakoze, Mwami, kubw'Ijambo ryawe! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 3:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Daniyeli 4:28-7:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Nzeri 25

KWIZERWA

Daniyeli 6:4

Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro.

Imana ishaka abagabo bo kwizerwa kugira ngo basohoze umugambi wayo n'umurimo wayo hano ku isi. Bibiliya itanga urugero rwa Daniyeli nk'umwe mu bizerwa b'Imana mu buryo buhambaye kandi budasanzwe. Yabaye umwizerwa bisesuye kandi yiha Imana byuzuye; Bibiliya ivuga ko nta kosa cyangwa igicumuro cyamubonyeho. Ntiyandurishaga iby'i bwami cyangwa se ngo yirengagize inshingano ze. Yari umwizerwa mu byo yakoraga byose. Ese wowe ibyo wabyivugaho?

Nk'umukristo, umukoro wawe, inshingano yawe, gushikama kwawe no kwizerwa kwawe bya mbere ugomba kubigirira Imana. Ibigeragezo bishobora kukugeraho biturutse mu mpande zose, ariko ugomba guhora ushikamye kandi utanyeganyezwa mu gukorera Imana kwawe. Daniyeli yajugunywe mu rwobo rw'intare kuko yahisemo kuba umwizerwa ku Mana, maze Imana ifunga iminwa y'intare - kuba umwizerwa birarinda!

Abantu b'abizerwa babahitamo ngo bakora inshingano zikomeye, niyo mpamvu, ugomba guhitamo kuba umukozi w'umwizerwa mu nzu y'Imana. Mu gukoresha impano zawe n'ubushobozi, amafaranga ndetse n'ubundi butunzi bwawe - hitamo kuba umwizerwa! Bica iminyururu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Natuye kwizerwa kwanjye no kwiha Imana kwanjye uyu muni. Mpisemo kumukorera n'ubuzima bwanjye bwose ndi umwizerwa ntitaye ku bibazo byose byaza imbere mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 4:2, Abakolosayi 1:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Daniyeli 7:13-11:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Nzeri 26

UMUFASHA WAVE WO MU IJURU

Yohana 14:16

Nanije nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose.

Ese usobanukirwa byuzuye uko iki cyanditswe gitangaje? Ka nkwereke. Reba ijambo 'umufasha', rikoreshe mu kuvuga Umwuka Wera. Ni ijambo ry'ikigiriki 'parakletos', risobanuye utwingingira, umujyanama, umufasha n'umuvugizi. Tekereza ko muri wowe uyu mwanya harimo Umuntu Ukomeye mubyo ashinwe harimo no kugufasha! Iyi ni inkuru nziza bavandimwe.

Umwuka Wera yaje kugufasha kubaho ubuzima bwiza bw'ubukristo. Nta mpamvu ihari yo gutsindwa ikintu na kimwe mu buzima nyuma yuko wakiriye Umwuka Wera. Nta burenganzira ufite bwo gutsindwa kuko Umwuka Wera ari umufasha wawe! Azagufasha kandi akwigishe gusenga, azakwigisha Ijambo ry'Imana! Azakwereka uko wabaho nta madeni ufite ukabaho mu mwuzuro, yagufasha kubona akazi, azaguha imbaraga kandi aguhe ubushobozi bwo gutsinda mu bucuruzi bwawe n'ubuzima bw'umuryango wawe. Ubushobozi bwe buzaba ubushobozi bwawe, kandi imbaraga zayo zizaba imbaraga zawe.

Mwemere buri muni nk'umufasha wawe wavuye mu ijuru kandi umenye ko yaje kugira ngo akugire intsinzi mu buzima.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni mpaye Umwuka Wera umwanya wa mbere mu buzima bwawe. Nzatangazwa n'urugero rw'ubwiza bw'Imana buzagaraga muri nyije. Ubwiza, agaciro, kubahwa; n'ubushobozi bwe, imbaraga n'ubwenge bizagaragara mu buzima bwanjye uhereye none mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:26

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Daniyeli 11:14-12:13; Hoseya 1-3

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Nzeri 27

HIMBAZA IMANA!

Zaburi 113:3

Uherye aho izuba rirasira ukageza aho rirengera, Izina ry'Uwiteka rikwiriye gushimwa.

Umurongo w'uyu muni usobanuye neza. Muhimbaze mu gitondo. Muhimbaze nimugoroba. Muhimbaze nijoro. Niba utarahimbaza Imana nkuko basobanuye mu murongo wo haruguru, tangira nonaha. Ushobora kuvuga ko ubuzima bwawe budakwiye gushimirwa Imana, ariko, iyo niyo mpamvu yo gushimira Imana kurushaho! Mushimire mbere y'igihe kubw'impinduka zigiye kuba mu buzima bwawe! Mushimire kubw'Izina rya Yesu. Mushimire kubw'agakiza. Mushimire kubw'Inkuru Nziza!

Ugomba kuba uri gutera hejuru wishimye uri mu nzira ujya ku kazi ukanatera hejuru uri mu nzira utaha!

Niba waratwaye umwanya wa Satani akaba aje kukurwanya ngo awisubize, iki si cyo gihe cyo kwicara ngo wiganyire k'uko ibintu bitari kugenda neza. Ni igihe cyo kwinjira mu Ijambo maze ukongera ukiyibutsa amasezerano y'Imana. Aha niho winjira muri banki yawe y'amasengesho ukabikuza.

Icyo Satani yageregeza gukora cyose, ntugasubire inyuma ngo wihishe. Hagarara wemye, atura Ijambo mu butware maze utere hejuru uhe Imana ishimwe rica iminyururu! Intsinzi yamaze kuba iyawe.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyahishuwe 5:13, Yesaya 45:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Hoseya 4-9

www.goodnewsdailydevotional.com



Ku Cyumweru, Nzeri 28

SI AMAGAMBO GUSA

1 Abakorinto 4:20

kuko ubwami bw'Imana atari ubw'amagambo, ahubwo ari ubw'imbaraga.

Ijambo ry'Imana rirakomeye cyane! Reba icyanditswe nanone. Pawulo ahamya neza ko ubwami bw'Imana atari ubw'amagambo gusa, ni ubw'imbaraga. Nkunda uko Bibiliya ya NLT ibyita ngo 'imvugo nziza'. Byinshi mu bukristo bw'uyu muni bwibanda cyane ku magambo meza yigishwa, asomwa cyangwa se asengwa. Imbwirwaruhame zo ku cyumweu mu gitondo zikwiye guhabwa ibihembo. Ayo magambo yose nta mumaro afite iyo nta mbaraga zemewe ziyaherekeje.

Pawulo ntihatumenyesheje ibitekerezo bihambaye akoresheje amagambo gusa, ahubwo yatumenyesheje imbaraga z'Imana zibonekera mu kwizera Kristo gusa. Uko utangira umunsi yawe, reka uku kuri kukwinjiremo. Uri inzu y'imbaraga igenda, ivuga kandi ifite ubuzima. Buri kintu cyose watuza akanwa kawe uyu muni si imvugo nziza gusa, kandi uzabona umusaruro ubikurikira. Imbaraga z'Imana ziragenda mu mitsi yawe uyu mwanya, si amagambo gusa - byizere kandi ubikoreshe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ryose mvuga uherye none rizaherekezwa no kugaragara kw'imbaraga gukomeye. Simvuga gusa; ndi umukristo ugaragaza ibimenyetso mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 2:26

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Hoseya 10-14; Yoweli 1:1-2:17

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Nzeri 29

NATURA IBY'AGACIRO

Luka 6:45

Umuntu mwiza atanga ibyiza abikuye mu butunzi bwiza bwo mu mutima we, n'umuntu mubi atanga ibibi abikuye mu butunzi bwe bubi, kuko ibyuzuye mu mutima ari byo akanwa kavuga.

Sinakubwira inshuro zose numvise Abakristo bavuga bati, “maze igihe natura, ariko nta kintu cyabaye.” Ikibazo cyanjye ni ese ni gute uzi neza ko ntakintu cyabaye?

Ni nk'umuhinzi utera ibigori uyu munsu maze akabikura mu butaka umunsu ukurikiyeho kugira ngo arebe ko hari impinduka yabibayeho. Imbuta ntizimera mu ijoro rimwe; ariko iyo zitewe mu mwanya wa nyawo, zigahabwa igihe, wikuhiwa, zikita bwaho neza, biba byizewe ko zizakura. Amagambo nayo ameze gutyo, ni imbuta. Yuhire ukoresheje kwizera kandi uyashyigikize Ijambo ry'Imana.

Ijambo ry'Imana mu kanwa kawo ni Imana iba ivuga. Rekeraho gutekereza ko ibyo watura bitari gukora. Kristo uri muri wowe akugira umuntu mwiza utanga ibintu byiza bikuvamo. Ntukemerere Satani kukubeshya, uzabyara iby'agaciro!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkoresheje amagambo yanjye natura iby'agaciro bidasanzwe. Nta mukoro ntakora, nta bucuruzi ntakora kandi nta munyururu ntaca. Reka habeho umuyaga uzanye iby'igaciro muri buri gice cy'ubuzima bwanyje nonaha mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:10-11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yoweli 2:18-3:21; Amosi 1-4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Nzeri 30

FATA UBUTWARE

Abaroma 8:37

Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze.

Bavandimwe, intsinzi yawe ku mwanzi yamaze kuboneka. Ntabwo ugomba kugira isura yijimye, ufite agahinda kandi wihebye kubera ko gusa ibintu bitari kugenda neza uko ubishaka. icyanditswe kivuga ko turi abatsinzi no kurushaho, atari uko twagombaga kurwana intambara ahantu tukayitsinda, ahubwo ni uko Yesu yayidutsindiye mu rupfu rwe, no gushyingirwa ndetse no mu kuzuka.

Inshingano zawe ni ukugumana iyo ntsinzi; ukayobora isi, ukaba umutware kandi ukazamuka hejuru y'ibikubaho. Ufite ubutware n'imbaraga byo guhindura gahunda y'ibiba mu isi, ukoresheje Izina rya Yesu. Ufite izi mbaraga uyu mwanya! Ibintu byose byashyizwe muni y'ibirenge byawe. Satani, gutsindwa, indwara, ubukene n'urupfu byose biri muni y'ibirenge byawe. Wicaye iburyo bw'Imana muri Kristo Yesu; ibyo bivuze ko iri mu mwanya w'ubutware bw'ubumana n'imbaraga. Ese umunsi mubi ni iki kuri wowe, umwana w'Imana? Ni telephone ikubwira amakuru mabi? Ni inama yagenze nabi? Ibyo ni ubusa mu maso yawe! 'Watsinze no kurushaho' ibibi byose kera cyane muri Kristo Yesu. Bubeho uyu munsi!

JAMBO RYA GIHANUZI

Uyu munsi nzamutse hejuru y'ikintu cyose cyansubizaga inyuma. Ndi umutsinzi no KURUSHAHU, ibyo binjyira udakorwaho, utanyeganyezwa kandi 'uticwa' mu Izina rya Yesu. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:4-5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Amos 5-9; Obadiya 1:1-9

www.goodnewsdailydevotional.com

UMUYOBOZI WAVE WA GIHANUZI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsu ubu iboneka mu byiciro by'ingimbi ndetse n'icy'abana, hamwe n'inyigisho yari isanzweho, biguha ubutumwa bwawe bwa gihanuzi buvuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel buri munsu. Izi nyigisho zandikiwe kukuzana Ijambo ry'Imana rizima kuri buri wese mu muryango wawe. Inyigisho y'abana ibamenyesha kwizera, urukundo, n'amasezerano y'Imana mu buryo babasha kumva kandi bisanzuyemo, naho inyigisho y'ingimbi itanga ubumenyi bwimbitse bwo kubayobora mu buzima bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga. Buri munsu, ujye wakira ubuyobozi bwa gihanuzi bwaremewe urugendo rwawe n'Imana, mu kigero cyose waba urimo! Ntucikanwe n'aya mahirwe maze ubone inyigisho yawe nta kiguzi uyu munsu.



SCAN ME

BYANDITWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



IYEREKWA RYO KUGERA KURI BENSHI KU ISI YOSE RISABA INGENGO Y'IMARI YAKWIRA ISI YOSE ITANZWE NA BENSHI KU ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Mu bufatanye bwanyu budasubirwaho n'inkunga yanyu y'amafaranga tubasha gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni kuri buri gice cyose cy'isi tukabwira abatabizi iby'inkuru nziza y'ihishurirwa ry'Umwami wacu Yesu Kristo nk'uko twigishijwe na Nyakubahwa Umuhanuzi Uebert Angel. Tubasha gusemura, tugacapa, kandi tugasakaza inyigisho y'Inkuru Nziza igihe tugiye mu butumwa, muri campaign ya GoodNews On-The-Go, no muri campaign yo gutera inkunga igihugu cyangwa se ururimi kugira ngo tugeze kure ubutumwa bwiza. Ba umufatanyabikorwa n'umunyamigabane muri uyu mukoro w'isi yose maze wifatanye natwe mu kujyana ubutumwa bw'Imana mu mahanga yose ari ku isi muri iyi Ntumwa yacu, ari yo Inkuru Nziza ya buri muni.

**Byanditswe
n'Umuhanuzi
Uebert Angel**

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

PARTNER AT: WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

BYANDITSWE
N'UMUHANUZI
UEBERT ANGEL

UMWAMI WACU YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubusima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kuza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati:

Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.

ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

**TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO
UMWAMI W'UBUZIMA BWawe
MU GUSENGA IRI SENGESHO;**

**O MWAMI IMANA, NJE IWawe MU IZINA RYA
YESU KRISTO. NIZEYE N'UMUTIMA WANJYE
WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMA-
NA NZIMA. NIZEYE KO YAMPFIRIYE KANDI
IMANA IKAMUZURA MU BAPFUYE. NIZEYE KO
ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATUZA
AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA
UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE,
MFITE UBUGINGO BUHORAHO; MVUTSE
UBWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUN-
GURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI
UMWANA W'IMANA. HALELUYA!**

**MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA
W'IMANA.**

To receive more information on how you can grow
as a Christian, please get in touch with us on

**UK: +44 3333 448 612 / USA +1240 781 6942
RSA +27 51 004 0209**

www.uebertangel.org | www.goodnewsworld.com

ICYANDITSWE CY'UBURINZI

YESAYA 54:

14 NUBATSWWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CY-
OSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE
UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

15 UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA,
NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI
IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NAN-
TERA, CYAKIZAVAMO.

16 IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI IN-
YUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGE-
NEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIM-
BUZI.

17 ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INT-
WARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE
UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYO-
MA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO
ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU
BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA
IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH

INKORANYA Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

GURA IYawe
UYU MUNSI!



Gushaka Ijambo ry'Imana: gufungura ubutunzi bw'umwuka buri mu nkoranya y'Inkuru Nziza ya buri muni. Mu gushaka ubuzima bushinze muri Kristo byimbitse, kwiha Ijambo ry'Imana bitanyeganyezwa ni ingenzi. Inkoranya y'Inkuru Nziza ya buri muni, Igitabo cyayo cya mbere, itanga ubumenyi butagereranywa muri uri rugendo, ikagabanya mu byiciro ubutumwa bwa Kristo kugira ngo ubyige neza kandi ubisobanukirwe ku buryo byoroshye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



BA UMUFATANYABIKORWA UTERA INKUNGA YO GUSOHORA IYI NYIGISHO MU RUNDI RURIMI

Ifatanye natwe mu rugendo rudasanze rwo gutera inkunga no gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza kugira ngo twinjire mu mitima ya benshi ku isi yose. Dufatanyirije hamwe, twasakaza ubutumwa bw'inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana muri buri mujyi, buri muhanda na buri rugo mu ndimi nyinshi ziri ku isi. Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twabonye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose. Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

SPONSOR AT: WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

IBONEKA MU NDIMI NYINSHI

IKAZE KU RUBUGA RWACU! BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

SURA URUBUGA RWACU

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

    @GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL



Habwa imbaraga za buri muni no gukura k'umwuka usura urubuga w'Inkuru Nziza ya buri muni. Ibira mu Ijambo ryawe rya gihanuzi ry'umuni maze ukusanye amakuru yahindura ubuzima bwawe. Ntucikanywe n'amahirwe yo kujya byimbitse mu kwizera kwawe ndetse ubone umunezero mu Ijambo ry'Imana. Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya buri muni uyu muni!


For more information visit: www.goodnewsdailydevotional.com

You can also send an email to: gnd@goodnewsworld.com


Or Call At: **USA: +1 (240) 781-6942 UK: +44 333 344 8612**

ZW: +263 773 195 955 RSA: +27 (51) 004-0209

BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya muni y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.



BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Youtube

Tukugezaho ubuhamya bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku ruguba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri muni ya mbere, yakoze ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yabaye igikoreshe gikomeye kizana impinduka mu buzima bwite bw'abantu, itera imbaraga abantu, imiryango n'abana zo kubaho ubuzima bufite intego kandi bwuzuye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel



SUBSCRIBE NOW

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

TheGoodNewsWorld Helplines

USA: +1 (240) 781-6942

UK: +44 333 344 8612

ZW: +263 773 195 955

RSA: +27 (51) 004-0209

www.goodnewsworld.com